# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi


Nº .E-53 TARIKI 3 - 9 WERURWE 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw





AMAKURU


Ambasaderi wa Isiraheli mu Rwanda yavuye imuzi impamvu yashoje intambara kuri Iran



2

AMAKURU

Perezida Kagame yibukije Isi ko u Rwanda rutazigera rwihanganira FDLR ifashwa na RDC



5

AMAKURU

Jeannette Kagame yasabye abagore kwikunda nk'uko bakunda abanda



9

MU NTARA

Nyamagabe: Ubworozi bw'inkoko bwagabanyije imirire mibi



15


# Perezida Kagame yashimye uruhare rw'abagore mu iterambere ry'u Rwanda

## Perezida Kagame yasezeye kuri Dr Ozonnia Ojielo

NTAWITONDA Jean Claude

***Kuva tariki ya 10 Nyakanga 2022, ni bwo Dr. Ozonnia Ojielo yabaye ijwi rikomeye ry'impinduka z'iterambere amashami y'Umuryango w'Abibumbye akomeje kugiramo uruhare mu Rwanda, nyuma yo guhabwa inshingano n'Umunyamabanga Mukuru António Guterres amaze kwemezwa na Guverinoma y'u Rwanda.***

Nyuma y'imyaka ikabakaba ine, muri uyu mwaka wa 2026 ni bwo ari gusoza manda ye, Perezida wa Repubulika Paul Kagame akaba yamusezeyeho ku Cyumweru tariki ya 8 Werurwe nyuma

KOMEZA KU RUP.3



Perezida Paul Kagame ahamya ko kwimakaza uburinganire byagaragaje uruhare abagore bakomeje kugira mu iterambere ry'u Rwanda

SHEMA Ivan

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame yifurije abagore Umunsi Mwiza wabahariwe, agaragaza ko buri munsi hishimirwa uruhare rw'ingenzi abagore bakomeje kugira mu iterambere ry'u Rwanda.***

Ni ubutumwa yatanze abinyujije ku rukuta rwe rwa X kuri uyu wa 8 Werurwe, itariki isanzwe yizihizwaho Umunsi Mpuzamahanga w'Abagore.

Umukuru w'Igihugu yagaragaje ko buri munsi hishimirwa uruhare rw'ingenzi abagore bakomeje kugira mu iterambere ry'u Rwanda.

Ati: "Uyu munsi n'indi minsi yose, twizihiza uruhare rw'ingenzi abagore bakomeje kugira mu iterambere ry'u Rwanda.

Kudacogora, ubuhanga n'imiyoborere byanyu bikomeje gushimangira ukuri kumvikana, Igihugu gishobora gutera imbere

KOMEZA KU RUP.3

# Ambasaderi wa Isiraheli mu Rwanda yavuze impamvu bashoje intambara kuri Iran

ZIGAMA Theoneste

***Ambasaderi wa Isiraheli mu Rwanda Einat Weiss yatangaje ko impamvu igihugu cye cyahisemo kwifatanya na Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA) mu gutangiza intambara kuri Iran, avuga ko ari uko icyo gihugu gikomeje gukora ibitwaro bya kirimbuzi kandi kigakorana n'imitwe yitwaje intwaro ya Hezibollah na Hamas, bagamije kurimbura Isiraheli.***



Ambasaderi wa Isiraheli mu Rwanda Einat Weiss yatangaje ko igihugu cye cyatangije intambara kuri Iran kugira ngo gihagarike Ikorwa ry'intwaro za kirimbuzi

Ni bimwe mu byo yagarutseho mu kiganiro yagiranye n'itangazamakuru ku wa Kane tariki ya 5 Werurwe 2026, cyagarukaga mu buryo ibintu bihagaze muri iyo ntambara ikomeje kubera mu gice cy'Uburasirazuba bwo Hagati.

Amb. Einat yagaragaje ko kuva intambara yatangira, Iran yahise igaba ibitero ku bihugu 10 kandi bikomeje kwangiza byinshi ari na ko bihitana ubuzima bw'abantu.

Yagize ati: "Irani, mu buryo isanzwe ikoramo ibikorwa byayo, yamaze kugaba ibitero ku bindi bihugu 9. Byongeye kandi, amakuru aheruka kuvugwa agaragaza ko hari n'ibitero by'indege zitagira abapilote (UAVs) byagabwe mu gihugu cya 10, ari cyo Azerbaijan, nubwo hataraboneka amakuru arambuye abyemeza."

Yakomeje agira ati: "Ubu turi ku munsi wa gatandatu w'intambara yatangiye ku wa Gatandatu mu gitondo, ubwo Isiraheli ifatanyije na Leta Zunze Ubumwe za Amerika yagabaga igitero kuri Iran nyuma yo kubona amakuru ahagije y'ubutasi."

Uwo mudipolomate wa Isiraheli mu Rwanda yahamije ko impamvu yo gutera Iran ari uko yari irimo kongera kubika no gukora ku bwinshi za misile za balisitike kandi zashoboraga guteza ibyago ku Isi.

Yavuze ko muri Kamena 2025, Isiraheli yari yagabye ibitero byo guhangana n'imitwe ya Hezibollan ikorera muri Liban ndetse n'uwa Hamas ukorera muri Gaza, ndetse yizera ko Iran ihagaritse gukora na yo, ariko nyuma yaho ahubwo ni bwo yakomeje gukaza umurego wo gukora intwaro no gutera inkunga iyo mitwe.

Yavuze ko mu rwego rwo gukomeza gutunga izo ntwaro, Iran yari yarize amayeri yo kuzishyira munsi y'ubutaka aho nta muntu wabaga yazisenya.

Yagize ati: "Ubuyobozi bwa Iran bwari bufite umugambi wo gukora ibishoboka byose kugira ngo izo ntwaro zidashobora gusenywa cyangwa kugabwaho ibitero byoroshye."

Uko bashakaga kubigeraho ni ukuzishyira cyane cyane munsi y'ubutaka. Nk'uko bizwi, uko intwaro zishyirwa mu butaka hasi kure, ni ko bigorana cyane kuzigeraho cyangwa kuzisenya. Mu by'ukuri, n'ikoranabuhanga ririho ubu ntirishobora byoroshye kurasa ku ntego ziri mu butaka bwihishe cyane."

Ati: "Kuva mu gikorwa cya gisirikare cyabaye muri Kamena, aho Isiraheli yashoboye gusenya igice kinini cy'ubushobozi bwa gisirikare bwa Iran, byari byaragabanyije cyane ibyago. Ariko byaje kugaragara ko ubutegetsi bwa Iran butari buhugiye mu kubaka igihugu cyabwo, ahubwo bwari bwarongeye gushyira imbaraga mu kongera kubaka uruganda rukora misile, ndetse ku muvuduko wihuse cyane.

Amabasade ya Isiraheli mu Rwanda igaragaza ko mbere ya Kamena 2025, umubare wa misile zakorwaga ku munsi muri Iran wari muto, ariko nyuma y'icyo gihe umusaruro warazamutse cyane. Ikindi cyagaragaye ni uko Iran yakomeje gushyigikira imitwe ifatanya na yo, Isiraheli ifata nk'abahezanguni.

Amb. Einat ati: "Nyuma y'ibikorwa bya gisirikare Isiraheli yagabye muri Libani ku mutwe wa Hezbollah no muri Gaza ku mutwe wa Hamas, byagaragaye ko mu mezi hafi umunani yakurikiyeho Iran yashyize imbaraga nyinshi mu kongera kubaka ubushobozi bw'iyo mitwe. Ibyo yabikoze yohereza intwaro na misile, ndetse ikanatanga inkunga y'amafaranga."

Yakomeje avuga ko intego y'ubutegetsi bwa Iran yari ukongera kugera ku rwego rutuma ishobora kongera kugaba ibitero kuri Isiraheli kugeza igihe iyirimbuye burundu. Ati: "Ibyo ni byo abayobozi bayo bavugaga kenshi mu itangazamakuru no mu magambo yabo ku mugaragaro.

Kubera iyo mpamvu, ubwo byagaragaraga ko Iran iri kugera kuri iyo ntego, byabaye ngombwa kugaba igitero cyo kuyikumira hakiri kare, hifashishijwe amakuru y'ubutasi."

Kuva Isiraheli na Leta Zunze Ubumwe za Amerika batangira kugaba ibitero kuri Iran, na yo yatangiye kwihorera aho yarashe misile amagana yerekeza muri Isiraheli. Nyuma yatangiye no kurasa misile ku bindi bihugu byo mu Karere.

Amb. Einat yagize ati: "Hari ibitero bya Iran byibasiye Leta Zunze Ubumwe z'Abarabu (UAE). Ikirere cy'indege cyafunzwe mu bihugu byinshi birimo Bahrain, Saudi Arabia, ndetse bigera no muri Turukiya n'ibihugu byo mu Burayi, harimo n'ibiri mu muryango wa NATO. Ibi ni ibintu bidasanzwe Iran yakoze.

Uretse ibyo, Irani yafashe n'izindi ngamba zirimo gufunga burundu inzira yo mu mazi ya Hormuz, inzira ifite akamaro kanini mu bucuruzi mpuzamahanga cyane cyane ubwa peteroli. Intego ni ukugira ingaruka ku bukungu bw'Isi."

Amb. Einat yakomeje abwira itangazamakuru ko Isiraheli imaze kugera ku ntsinzi nyinshi mu bikorwa bya gisirikare, harimo no kugenzura ikirere cya Iran ku buryo ishobora kurasa misile za Iran aho zirasirwa kugira ngo igabanye ibitero biyigabwaho.

Yavuze ko kugeza ubu misile Iran irasa zifite ubushobozi bwo gutwara ibisasu bipima hafi ibilo 500 kandi zishobora kugera ku ntera zo kurasa bilometero 2 100.

Ati: "Ibi bituma hibazwa impamvu Iran ikeneye misile zifite intera irenga kilometero 2 000, aho igisubizo gishobora kuba ari uko zishobora kugera muri Isiraheli ndetse no mu bice by'u Burayi."

Yavuze ko nubwo hari uburyo bwo gutangira izo misile za Iran, hari misile zimwe na zimwe zageze ku butaka bwa Isiraheli zigahitana abantu icyenda. Mu bo zahitanye harimo imiryango ibiri hafi habuzeho gato ngo izime.

Ambasade ya Isiraheli mu Rwanda yatangaje ko mu kugaba igitero bwa mbere muri Iran babikoranye ubushishozi ku buryo bafashe ingamba zo guhitamo neza cyane cyane barasa ubuyobozi bwa Irani n'abayobozi b'igisirikare n'abandi bafatwa nk'abaterabwoba n'Umuryango Mpuzamahanga.

Hagati aho Amb. Einat yashimangiye ko mu gihe Isiraheli ifite intego yo kurasa cyane cyane abayobozi n'ibigo bya gisirikare, Iran yo ivugwaho gukomeza kurasa ku bice bituwe n'abaturage muri Isiraheli igamije guteza igihombo kinini no guhitana abantu benshi.





# Perezida Kagame yashimye uruhare rw'abagore mu iterambere ry'u Rwanda

IBIKURIKIRA URUP.1

bifatika iyo kudaheza n'uburinganire byimakajwe mu nguni zose."

Imibare yo mu ibarura rusange ry'abaturage ryabaye mu 2022, igaragaza ko Abanyarwanda bari 13 246 394. Muri bo 48,5% ni abagabo naho abagore banganaga na 51,5%.

Guverinoma y'u Rwanda yagiye ishyiraho ingamba na gahunda zo guteza imbere umugore yaba mu burezi, ubukungu, imiyoborere n'ibindi.

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, rishimangira ko abagore bagira nibura 30% by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo.

Mu 2008, Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda, Umutwe w'Abadepite yabaye iya mbere ku Isi mu kugira abagore benshi ugereranyije n'abagabo. Abagore bageze kuri 61,25% mu gihe ku rwego rw'Isi bangana na 26,4%.

Abagore kandi bagize 41.6 % bya Guverinoma mu gihe Inzego z'ibanze zigomba kuba zigizwe na 30% by'abagore, nk'uko amategeko abiteganya.

U Rwanda kandi rushimwa ndetse rugafatwa na bimwe mu bihugu nk'ishuri ry'imiyoborere myiza no kwimakaza ihame ry'uburinganire.

# Perezida Kagame yasezeye kuri Dr Ozonnia Ojielo

IBIKURIKIRA URUP.1



Perezida Kagame yakiriye Dr. Ozonnia Ojielo urimo gusoza manda ye

yo guhura no gusezera n'abayobozi batandukanye muri Guverinoma guhera mu ntangiriro z'uku kwezi.

Ibiganiro yagiranye n'abayobozi barimo na Perezida Kagame, byagarutse ku musaruro wa gahunda yo guhuza amashami ya Loni yiswe "Delivering as One" aho u Rwanda rwari mu bihugu umunani yatangirijwemo.

Amashami ya Loni ahurijwe hamwe yakoranye bya hafi na Guverinoma y'u Rwanda mu guharanira ko ubutwererane bugera ku ntego z'iterambere rirambye, butanga umusaruro ufatika ku rwego rw'Igihugu.

Kuri ubu, Gahunda y'Umuryango w'Abibumbye y'Ubutwererane mu Iterambere Rirambye (UNSDF) ijyanye na gahunda z'iterambere u Rwanda rushyize imbere, ikaba inatanga ishusho y'ibikorwa bihujwe by'amashami ya Loni n'abafatanyabikorwa bayo mu nzego zinyuranye.

Guverinoma y'u Rwanda ihamya ko Umuryango w'Abibumbye ugira uruhare rukomeye mu gutanga amakuru Igihugu gikeneye mu iterambere, ikanashimangira ko hakenewe kurushaho kuvugurura Politiki z'ubutwererane mu iterambere.



Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yasezeye kuri Dr. Ozonnia Ojielo wasoje manda ye

Dr. Ozonnia Ojielo, urimo gusoza igihe cy'ubuyobozi bw'amashami ya Loni mu Rwanda, ashimangira ko abakozi b'amashami ya Loni mu Rwanda biyemeje gutanga umusanzu wabo mu iterambere ry'Igihugu bagabanya ingorane zarikoma mu nkokora kandi bagakora ibikorwa bitanga umusaruro mu nzego zose.

Agaragaza icyizere cy'uko u Rwanda rurimo gutera intambwe ruva mu bihugu bikennye ku Isi rwerekeza mu bihugu bifite ubukungu buringaniye mu 2035 no mu byateye imbere bitarenze mu mwaka wa 2050.

Ashimangira kandi ko umwaka wa 2026 ari ingenzi ku Rwanda kuko ari wo usoza urugendo rwo kuva mu bihugu bikennye ku Isi (Least Developed Country/ LDC), aho ruzagenzurwa mu mwaka utaha wa 2027.

Ku rundi ruhande, Dr. Ojielo ashimirwa ko mu gihe cy'imyaka itatu n'amezi umunani amaze mu Rwanda yakomeje guharanira ko imikorere ya Loni mu gihugu ijyana n'icyerekezo 2050, u Rwanda rwitezeho kugera ku rwego ruhanitse rw'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage.

Komite Nshingwabikorwa y'Amashami y'Umuryango w'Abibumbye mu Rwanda isaba ko ibiganiro byakomeza hagati y'impande zose kugira ngo hakomeze kwimakazwa iterambere rirambye ritagira n'umwe risigaza inyuma.

# Perezida Museveni yatorewe kuyobora Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba (EAC)

SHEMA Ivan

***Perezida wa Uganda, Yoweri Kaguta Museveni, yatorewe kuba Umuyobozi Mukuru w'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba (EAC) muri manda y'umwaka umwe, asimbuye mugenzi we wa Kenya, Dr. William Samoei Ruto.***

Yatorewe mu nama ya 25 y'Abakuru b'Ibihugu bya EAC, yateraniye i Arusha muri Tanzania ku wa 7 Werurwe 2026.

Perezida Museveni akaba yaherukaga muri izi nshingano mu mwaka wa 2019 dore ko abayobozi b'Ibihugu bigize uwo Muryango bagenda busimburana ku buyobozi buri mwaka.

Undi wahawe inshingano ni Umunyatanzania, Amb Stephen Patrick Mbundi, wagizwe Umunyamabanga Mukuru wa EAC muri manda y'imyaka itanu, yo kuva mu 2026 ikazageza mu 2031.

Uyu mugabo yasimbuye Umunyakenya Veronica Nduva wari kuri uwo mwanya kuva muri Kamena 2024.

Amb. Mbundi afite ubunararibonye mu bijyanye no guhuza ibihugu byo mu Karere. Mbere yo guhabwa izi nshingano yari asanzwe ari Umunyamabanga Uhoraho ushinzwe Ubutwererane bw'Akarere muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ya Tanzania.

Amb. Mbundi yitezweho gukomeza kwihutisha ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zigamije iterambere kuri bose no kwimakaza ubumwe bushingiye ku bukungu mu Karere.

Inshingano z'Umunyamabanga wa EAC ni uguhuza ibikorwa by'umuryango, icungamutungo no gutegura inama zitandukanye zihuza ibihugu by'ibinyamuryango.



Perezida Museveni yagizwe Umuyobozi Mukuru wa EAC asimbuye mugenzi we wa Kenya Dr William Ruto

Umwanya w'Ubunyamabanga bwa EAC utorerwa mu buryo bwo gusimburanya ndetse Tanzania ni cyo gihugu cyari kigezweho bigendanye n'ibiteganywa n'amasezerano ashyiraho uwo muryango.

Uretse Perezida wa Uganda Kaguta Museveni n'uwa Kenya, William Ruto, iyi nama ya 25 ya EAC y'Abakuru b'Ibihugu na Guverinoma, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yari ahagarariwe na Minisitiri w'Intebe Dr Justin Nsengiyumva.

Ni inama kandi yitabiriwe na Perezida wa Tanzania Samia Suluhu Hassan, uwa Somalia Hassan Shieh Muhamud n'uw'u Burundi, Evariste Ndayishimiye.

KAYITARE Jean Paul

# Umushinga wo kubaka inzu nziza zibarirwa mu ziciriritse zifite agaciro ka miliyari 70 Frw

***Uko bwije n'uko bucyeye isura y'Umujyi wa Kigali ikomeje guhinduka mu buryo bugaragara. Imihanda irubakwa, inyubako nshya zirazamurwa, umujyi urushaho kurimbishwa, iterambere rikihuta. Ibi bigiye kongerwa n'umushinga wo kubaka amacumbi 892 mu Karere ka Kicukiro, afite agaciro ka miliyoni 48 z'amadolari ya Amerika, ni ukuvuga arenga miliyari 70 Frw.***

Izi nzu zizubakwa ku buso bwa hegitari 12.8 mu Murenge wa Gahanga, ku bufatanye bwa Guverinoma y'u Rwanda na Sosiyete y'ubwubatsi Bauhaus International Ltd. Umuvugizi wungirije wa Guverinoma, Maurice Uwera, yavuze ko uyu mushinga uzafasha abaturage 121 bafite ubutaka buzagirwaho ingaruka, aho bazasanirwa inzu cyangwa bakishyurwa ingurane.



Inzu zizubakwa mu Mujyi wa Kigali,byitezwe ko zizahindura ubuzima bw'abanyamujyi

**Politiki y'igihugu mu macumbi**

Guverinoma y'u Rwanda yagennye hegitari 1 100 mu gihugu hose, zirimo hegitari 890 ziri muri Kigali, zizubakwaho inzu ziciriritse.

Mu rwego rwo korohereza abashoramari, hashyizweho politiki irimo: Kwegerezwa ibikorwa remezo, kugabanyirizwa umusoro ku nyungu kuri 15%, gufashwa kubona ubutaka, gufashwa gukorera ibikoresho mu gihugu.

Inyigo yakozwe mu 2019 yerekanye ko Umujyi wa Kigali ukeneye inzu 310 000 zizatuzwamo ingo 373 000 hagati ya 2017–2032. U Rwanda rufite intego yo kubaka nibura inzu 150 000 mu gihe gito, kugira ngo rugere ku ntego yo kugira inzu miliyoni 5.5 mu 2050.

Uyu mushinga w'amacumbi 892 ni igihamya cy'uko u Rwanda rukomeje gushyira imbere politiki y'iterambere rirambye, rufasha abaturage kubona aho gutura heza kandi hifashishijwe imbaraga z'abikorera. Kigali ikomeje guhindura isura yayo, ikaba igicumbi cy'iterambere n'icumbi ry'abaturage bayo mu buryo bugezweho.

**Isoko mpuzamahanga ry'amacumbi**

Ku rwego rw'Isi, hakenewe nibura inzu miliyoni 300 bitarenze 2030 mu kugabanya icyuho cy'abazikeneye, cyane cyane mu bihugu byo munsi y'Ubutayu bwa Sahara na Aziya y'Amajyepfo. Iri soko rifite agaciro ka miliyari 17 000 z'amadolari ya Amerika, ni ukuvuga asaga tiriyari 24 Frw.





ZIGAMA Theoneste

# Perezida Kagame yibukije Isi ko u Rwanda rutazigera rwihanganira FDLR ifashwa na RDC

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yongeye kwibutsa Isi ko umutwe wa FDLR ari ikibazo gikomeye cyugarije umutekano mu Karere, anashimangira ko u Rwanda rudateze na rimwe kuwihanganira mu gihe ukomeza kuruhungabanyiriza umutekano ushyigikiwe na Leta ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) amahanga arebera.***

Yabigarutseho mu ijoro ryo ku wa Gatanu tariki ya 6 Werurwe 2026, mu muhango wo gusangira no guha ikaze Abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda byo ku Migabane itandukanye y'Isi bagera kuri 20, batangiye imirimo mishya.

Umukuru w'Igihugu yagaragaje ko umutwe wa FDLR ugizwe na bamwe mu basize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hari aho amahanga awirengagiza kandi ukomeje guteza ibibazo mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo no mu Karere k'Ibiyaga Bigari ukaba ukomeje umugambi wo gutera u Rwanda.

Yagize ati: "Iki kibazo ntabwo ari gishya kandi ntabwo ari n'ikigoye gusobanukirwa. Kimaze imyaka myinshi cyane gikomeza kubaho bitewe n'uko cyirengagijwe kandi bamwe bagasuzugura uburemere bwacyo, cyane cyane abafite ubushobozi bwo kugira uruhare runini mu kugikemura.

Impungenge z'umutekano w'u Rwanda zishingiye ku kuba umutwe wa FDLR ugikomeje kubaho, ufite ingengabitekerezo y'ubuhezanguni n'urugomo, ari na yo ngengabitekerezo ya Jenoside. Ikibabaje ni uko uwo mutwe ufite abawushyigikira mu Karere no hanze yako, babikora mu buryo butandukanye."

Perezida Kagame yavuze ko mu bihe bitandukanye uwo mutwe wa FDLR wagabye ibitero byambukaga imipaka, uturutse ku butaka bwa RDC, bikaba byarahitanye abantu babarirwa mu bihumbi mu Rwanda.

Yavuze ko FDLR ikomeje gushyigikirwa na Leta ya Congo ndetse n'umuhungu w'uwahoze ari Perezida w'u Rwanda muri Leta yateguye ikanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Habyarimana Juvenal akaba ashyigikiye ibyo bikorwa.



Perezida Kagame yashimangiye ko u Rwanda ruzakomeza guharanira ko umutekano warwo udahungabanywa na FDLR n'abayishyigikira

Ati: "Leta ya Congo yahaye uyu mutwe ubufasha bwa politiki n'ubw'amafaranga, ndetse inawinjiza mu nzego z'ingabo zayo, aho ukorera nta nkomyi. Uyu mutwe wagabye ibitero ku Rwanda inshuro nyinshi. Ibyo byatumye ibihugu bimwe bitanga amatangazo bigira inama abaturage babyo kwitondera ingendo.

Vuba aha kandi, umuhungu w'uwahoze ayobora u Rwanda waruyoboye muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hamwe n'abandi bafatanyabikorwa be ba hafi, bagiye i Kinshasa bagamije kurushaho gushimangira ubufatanye n'uyu mutwe wa FDLR, kandi bakiriwe ku mugaragaro."

Umukuru w'Igihugu yashimangiye ko ibyo bibazo u Rwanda rwabigaragarije amahanga ariko akomeza kwirengagiza ko ikibazo cy'umutekano mu Burasirazuba bwa Congo gikomeye kandi kinawuteza mu Karere kose.

Perezida Kagame yabwiye abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda ati: "Twabivuze kenshi mu nama zitandukanye ndetse no mu biganiro twagiranye n'abantu batandukanye bamwe bari hano. Ariko buri gihe, impamvu nyamukuru zitera aya makimbirane zirirengagizwa, hagashyirwa imbere inyungu z'igihe gito n'ingamba zitaramba."

Perezida Kagame yavuze ko u Rwanda, kubera amateka yarwo n'aho ruhereriye, rukeneye ingamba zo kwirindira umutekano kandi rudateze kuzitezukaho.

Ati: "Ingamba zacu zo kwirwanaho zigamije icyo gusa, nta kindi. FDLR ntabwo ari umutwe warangiye. Nk'uko nabivuze mbere, ingengabitekerezo ya Jenoside yabo yakwirakwiriye no mu yindi mitwe yitwaje intwaro, yibasira cyane cyane abo mu bwoko bw'Abatutsi b'Abanyekongo n'andi moko."

Perezida Kagame yakomeje avuga ko amasezerano yasinywe agamije guhosha iyi ntambara n'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo akwiye kubahirizwa kandi hagashyirwa imbere uburyo bwo gukemura iki kibazo mu mahoro.

Yashimangiye ko mu kubahiriza ayo masezerano hadakwiye kubaho kubogamira ku ruhande rumwe kuko byagaragaye ko icyo kibazo hari abakikoreza u Rwanda nyamara gikwiye gukemurwa n'impande zose bireba.

Yagize ati: "Mu by'ukuri, amasezerano y'amahoro yasinywe, agomba kubahirizwa n'impande zose, kandi ishyirwa mu bikorwa rigakurikiza ibyanditswe. Ariko si ko byagenze ku ruhande rwacu. Icyo tubona ni uko uruhande rumwe ari rwo rusabwa kwikorera umutwaro hafi ya wose.

Urugero, amasezerano ya Washington yashyizeho guhagarika imirwano, yemera impungenge z'umutekano za buri ruhande, kandi ateganya inzira igomba gukurikizwa. Nyamara nubwo ibiganiro byari bigikomeje, habonetse ibikorwa byo kongera ingabo mu buryo bugaragara mu Burasirazuba bwa Congo, hanyuma hakurikiraho ibikorwa by'ingufu za gisirikare."

Yavuze ko Ingabo z'u Burundi n'imitwe yitwaje intwaro ifatanya na Leta ya Congo bongereye ibitero mu bice bitandukanye, bishyira abaturage mu gaka n'akato, ndetse batangiza ibitero byo ku butaka no mu kirere muri Kivu y'Amajyepfo.

Yashimangiye ko intego ya Leta ya Congo yari uguhindura uko ibikubiye mu masezerano biteye, ikoresheje ingufu za gisirikare, kandi bitari mu byari biteganyijwe mu biganiro by'amahoro byari biri kuba.

Ati: "Ni muri urwo rwego byaje kugera ku byabereye i Uvira. Twari tumaze amezi menshi tubivuga tuburira abantu, ariko nyuma byaje kuvugwa mu buryo bumwe gusa, budahuye n'ukuri kw'ibyari biri ku butaka."

Yakomeje agira ati: "Nk'uko bisanzwe, amakosa yose yashyizwe ku Rwanda gusa. Iyo myitwarire yo gushyira igitutu ku ruhande rumwe gusa yatumye Leta ya Congo n'indi mitwe iyishyigikiye ikomeza ibikorwa bya gisirikare."

Umukuru w'Igihugu yabwiye abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda ati: "Ntabwo tubasaba kwemera buri cyemezo u Rwanda rufata. Icyo tubasaba gusa ni uko impande zose mwazifata ku rwego rumwe."

Perezida Kagame yavuze ko ubu u Rwanda ruri mu mahitamo akomeye, arimo kwemera ko FDLR n'indi mitwe

KOMEZA KU RUP.6

# U Rwanda rwashimiye USA n'u Burayi bisaba ko ibibazo bya RDC bikemurwa mu mahoro

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb Olivier Nduhungirehe, yashimiye umwanzuro uherutse gufatwa n'ihuriro mpuzamahanga (International Contact Group: ICG) rigizwe na Leta Zunze Ubumwe z'Amerika n'ibihugu by'u Burayi ku kibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) ryagaragaje ko bikwiye gukemurwa mu mahoro hatabaye intambara.***

Ku wa 5 Werurwe 2026, Leta Zunze Ubumwe za Amerika n'ibindi bihugu bigize iri huriro birimo u Bufaransa, u Budage, u Bubiligi, Danemark, u Busuwisi na Suède, byatangaje ko gukoresha imbaraga za gisirikare byonyine bidashobora gukemura ikibazo cy'umutekano muke uri mu Burasirazuba bwa RDC.

Mu butumwa yashyize ku mbuga nkoranyambaga kuri uyu wa Gatanu tariki ya 6 Werurwe 2026, Minisitiri Amb. Olivier Nduhungirehe yavuze ko ibyo ICG yatangaje bikubiyemo bimwe mu bibazo u Rwanda rumaze igihe rugaragaza ku bijyanye n'intambara n'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Olivier Nduhungirehe

Yagaragaje ko ICG yibanze ku mpungenge z'uko amasezerano yo guhagarika imirwano akomeje kurengwaho, by'umwihariko hakavugwa ikoreshwa ry'indege zitagira abapilote (drones) mu kugaba ibitero byibasira abaturage.

U Rwanda ruvuga ko bene ibyo bitero bishobora kurushaho gukaza umwuka w'intambara no gushyira mu kaga ubuzima bw'abaturage batuye mu bice byugarijwe n'imirwano.

Amb. Nduhungirehe yavuze kandi ko Ihuriro Mpuzamahanga ryasabye impande zose zifitanye isano n'iki kibazo kubahiriza inshingano n'amasezerano zasinye mu biganiro byabereye i Washington, D.C. muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika no mu murwa mukuru wa Doha muri Qatar.

Yagarutse cyane ku gushyira mu bikorwa gahunda ya CONOPS, igamije gushyiraho ingamba zifatika zo kugabanya ubushyamirane no kugarura umutekano mu Karere.

Ikindi cyagarutsweho muri iryo tangazo rya ICG ni uguhamagarira Abanye-Congo kugirana ibiganiro by'imbere mu gihugu. Ibi biganiro bishobora kunganira izindi gahunda za dipolomasi zirimo ibiganiro bya Washington, D.C. na Doha, bigamije gushaka igisubizo kirambye ku kibazo cy'umutekano muke muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

Minisitiri Amb. Nduhungirehe yashimye kandi ko iri tangazo ryamaganye mu buryo bweruye imvugo n'ibikorwa bishishikariza urwango rwibasira Abatutsi b'Abanye-Congo.

U Rwanda rugaragaza ko bene ibyo bikorwa byongera umwuka mubi wa politiki n'umutekano mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

Yagize ati: "Ibi ni ibyemezo bifite ishingiro twakomeje gusaba mu mezi menshi ashize."

Yongeyeho ko uko bigaragara amahanga atangiye gusobanukirwa impamvu nyakuri zituma intambara ikomeza muri ako karere.

Mu myaka myinshi ishize, Uburasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo bwabaye indiri y'imirwano n'amakimbirane arimo imitwe myinshi yitwaje intwaro ndetse n'inyungu z'ibihugu byo mu Karere.

U Rwanda rugaragaza ko igisubizo kirambye kidashobora kuboneka hatubahirijwe amasezerano yo guhagarika imirwano, hubahirizwa amasezerano mpuzamahanga, hanashyirwa imbere ibiganiro bya politiki by'Abanye-Congo ubwabo ndetse hakarwanywa imvugo z'urwango zibasira amoko amwe n'amwe.

Ibi Minisitiri Amb. Nduhungirehe yabigarutseho mu gihe ibikorwa bya dipolomasi ku rwego mpuzamahanga bikomeje kwiyongera hagamijwe gushakira umuti ikibazo cy'umutekano muke mu Karere k'Ibiyaga Bigari, aho ibibazo by'umutekano bikomeje guteza ingaruka zikomeye ku mibereho y'abaturage no ku miyoborere y'ibihugu byo muri aka karere.

# Perezida Kagame yibukije Isi ko u Rwanda rutazigera rwihanganira FDLR ifashwa na RDC

IBIKURIKIRA URUP.5

ikomeza kwegera imipaka yarwo, cyangwa se kwirwanaho maze rukabihanirwa.

Ati: "Ku ruhande rwacu rero, amahitamo arasobanutse. Ese mu mwanya wacu hari igihugu kindi cyafata icyemezo kitari icyo kwirinda? Ariko n'iyo haba ibiducira urubanza, kuri twe biba ari ishema ku ngabo zacu. Iryo shema ntiryahanagurwa n'ibibazo cyangwa n'ibihe bitandukanye. Ni kimwe mu bitugize, kandi kizahora kiduherekeza mu bihe byiza n'ibibi."

Perezida Kagame yavuze ko u Rwanda rushaka amahoro nyayo arambye ashobora kutwubakira ejo hazaza heza. "Turashaka gusiga inyuma burundu politiki mbi zo mu gihe cyashize".

Perezida Kagame yibukije ko u Rwanda rwiteguye gukuraho ingamba zarwo z'ubwirinzi ariko mu gihe na Leta ya Congo na yo yujuje inshingano zayo zikubiye mu masezerano ya Washington.

Ati: "Ayo masezerano mvuga ya Washington, ntabwo ari ay'impande ebyiri gusa. Hari impande eshatu zirebwa na yo, harimo u Rwanda, Congo, ndetse na Leta Zunze Ubumwe za Amerika, ari yo yabaye umuhuza ikanakira ibyo biganiro. None se mwakwitega gute ko mu mpande eshatu, rumwe gusa ari rwo rwujuje inshingano zarwo? Aho ni ho turi ubu."

Perezida Kagame yavuze ko ayo masezerano nashyirwa mu bikorwa neza, ashobora guha buri ruhande umutekano rukwiye, ndetse agashyiraho n'urufatiro rw'ubufatanye mu bukungu.

Ati: "Turi abo kwizerwa. Ibyo tuvuga turabikora, kandi ibyo dukora ni byo tuvuga. Ubufatanye bwacu bwageze ku musaruro kubera ko twagiye tugira politiki ikomeye y'umutekano mu myaka irenga mirongo itatu ishize.

Kubera ko tuzi neza ko dushobora guhura n'ingaruka z'ingengabitekerezo y'urugomo n'ubuhezanguni bushingiye ku moko, cyane cyane iyo bishyigikiwe na Leta mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, twihaye isezerano ryo kutazigera dusubira mu minsi mibi y'umwijima. Ntituzigera dusubira muri uwo mwijima. Ni ikintu tudateze guhindukaho."





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

# *Umugore ni umusingi w'ubuzima n'iterambere ry'igihugu*

Mu mateka y'Isi, abagore bagiye kenshi bahabwa umwanya w'inyuma cyangwa bagahezwa n'imico itandukanye. Kugeza n'ubu, hari ibihugu aho abagore bagihutazwa mu nshingano zinyuranye kubera impamvu zishingiye ku idini, amategeko ashyirwaho n'imyumvire y'abantu bamwe na bamwe cyangwa se umuco.

Izo mbogamizi zikomeje gutuma bamwe mu bagore babaho mu bwigunge, nyamara turi mu kinyejana cya 21, igihe Isi yunguka amahirwe menshi kandi agenda ajya kureshya mu bihugu byamaze gusobanukirwa agaciro ko kudaheza abagore.

Mu Rwanda, imibare y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) igaragaza ko abagore barenga kimwe cya kabiri cy'abaturage bose. Kubaheza mu bikorwa by'iterambere byashyira mu kangaratete icyerekezo cy'Igihugu cyifuza kuzaba mu bihugu byateye imbere bitarenze 2050. Ni yo mpamvu politiki y'uburinganire mu nzego zose z'imiyoborere n'imibereho y'umuryango yashyizwe imbere, kuko kudaheza abagore si impuhwe, ahubwo ni ishingiro ry'iterambere rirambye.

Kuba umugore muri iki kinyejana bisaba guhangana n'impinduka nyinshi: Kwigaragaza, guharanira kwigira, no kwinjira mu myanya ikomeye y'ubuyobozi, ariko ntibikuraho inshingano za kamere zo kwita ku bandi. Uyu munsi, abagore babayeho mu buzima busaba kwihangana, guhangana n'imbogamizi, no guhindura imyumvire isanzwe ko kuba umugore hari amahirwe runaka byakubuza nk'abagabo.

Nubwo bimeze bityo, ntibikuraho ko abagore ari bo ba nyina w'umuntu, abita ku muryango, kandi bakaba umusingi w'ubuzima n'iterambere ry'igihugu muri rusange. Madamu Jeannette Kagame, mu butumwa yageneye abagore ku munsi wabo, yabibukije ko kwikunda no kwiyitaho ari ingenzi nk'uko bita ku bandi, kandi ko bagomba guharanira kugira ubuzima buzira umuze.

Iyo umugore ahawe agaciro, ubuzima burushaho kugenda neza, kandi Isi yose ibyungukiramo. Iyo abagore bahutazwa cyangwa bakabuzwa amahirwe, iterambere riradindira. Abagore ni abo agaciro, ni abo kubahwa kandi bakwiye guhabwa amahirwe angana n'abagabo mu nzego zose z'iterambere ry'umuryango n'igihugu muri rusange.

# Kuba abagore batari mu Nzego z'ibanze uko bikwiriye, ni igihombo- MIGEPROF

KAYITARE Jean Paul

***Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, MIGEPROF, isanga kuba abagore batari mu Nzego z'ibanze uko bikwiye ngo batange umusanzu wabo mu nzego zifata ibyemezo bibabereye ari igihombo.***



Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango Uwimana Consolée

Minisitiri Uwimana Consolée yabigarutseho mu Nteko Rusange ya Kane y'Urunana rw'Abagore bo mu Nzego z'Ibanze (Local Government Women Network, LGWN) ihuza abagore b'abakozi n'abayobozi kuva ku rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali kugera ku Mudugudu, inzego za Leta n'abafatanyabikorwa bayo.

Yagaragaje ko Inzego z'ibanze ari zo shingiro ry'imiyoborere kuko ari zo zegereye abaturage, agashimangira ko kuba abagore batazirimo uko bikwiye ngo batange umusanzu wabo mu gufata ibyemezo bibabereye ari igihombo.

Ati: "Tuzi neza ko Inzego z'ibanze ari zo shingiro ry'imiyoborere. Ni zo zegereye abaturage, ni zo zakira ibibazo byabo kandi zikanabishakira ibisubizo. Kuba abagore batazirimo uko bikwiye ngo batange umusanzu wabo mu gufata ibyemezo bibabereye, ni igihombo."

Kuba Ishyirahamwe rihuza Inzego z'ibanze n'Umujyi wa Kigali, RALGA, ku bufatanye na MIGEPROF na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, MINALOC, riha abakobwa bakirangiza kaminuza uburyo bwo kwimenyereza umwuga mu Nzego z'ibanze, bitanga icyizere.

Ati: "Twizeye ko bizadufasha kuziba icyuho, kuko bibafasha gutinyuka no kurushaho kwiyumvamo ubushobozi."

Anne Marie Kagwesage, Umuhuzabikorwa w'Urunana rw'Abagore bo mu Nzego z'ibanze, asobanura ko Urunana rwagiyeho kugira ngo rwubake ubushobozi bw'abagore no gukomeza kubahiriza ihame ry'uburinganire mu Nzego z'ibanze.

Yagize ati: "Rwagiyeho cyane cyane kugira ngo ruhuze abagore bo mu Nzego zibanze, babashe kugirana inama, gufatanya igihe hari abahuye n'ikibazo, gukomeza kwiyongera ubumenyi kugira ngo bakomeze kuyobora mu Nzego z'ibanze neza no gushyiraho uburyo buhamye bwo kwigiranaho ndetse no kumenyana."

Dr. Uwizeye Odette, Umuyobozi wa RALGA, yashimiye abitabiriye Inteko Rusange ya Kane, agasanga ari umwanya mwiza wo kongera kunoza ingamba n'ibikorwa bizibandwaho n'Urunana mu mwaka wa 2026/27, no kurebera hamwe uburyo bwo gutegura no gushishikariza abagore kuzitabira amatora ateganyijwe uyu mwaka.

Urujeni Consolée, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Remera mu Karere ka Gatsibo mu Ntara y'Iburasirazuba, yabwiye Imvaho Nshya ko atagorwa n'inshingano afite kuko afatanya n'abakozi bakorana kandi ngo n'umuryango we uramushyigikira.

Ati: "Umurenge urimo ibyiciro bitandukanye, n'abakozi dukorana na bo bafite ingo zabo, haba harimo abikorera, abarimu, abaganga n'ibindi byiciro bitandukanye [...] abo bari mu nshingano zanjye nk'umuyobozi w'Umurenge kuba namenya ngo umuturage nyoboye abayeho gute, Ese imibereho ye yahinduka ite? Ese ko nanjye mfite urugo noneho na wa muturage, na ya nama biramfasha kuyimugira kuko nanjye mba nabyubahirije iwanjye mu rugo."

Murekatete Juliet, Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, avuga ko imbogamizi abagore bari mu Nzego z'ibanze bagira, ari nk'izo umugabo yahura nazo ariko ngo imbogamizi ntizibabuza gukora akazi.

Ati: "Imbogamizi tuziganira n'abandi dukorana hanyuma tugashaka ibisubizo kandi bikadufasha mu kazi ka buri munsi. Kuba umugore ari umuyobozi ntabwo bimukuraho inshingano zindi zo kureba umuryango no kumenya icyo urugo rukeneye no kwibuka ko turi ababyeyi."

Imibare y'Ishyirahamwe ry'Uturere n'Umujyi wa Kigali, RALGA, yo kuva muri Mutarama 2026, igaragaza ko abagore bari mu Nama Njyanama z'Uturere ari 41%, abayobozi b'Uturere b'abagore ni 30%, abagore bangana na 30% mu bayobozi bungirije b'Uturere bashinzwe ubukungu.

Mu Banyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge ab'abagore ni 17%, abayobozi b'Utugari b'abagore ni 28% mu gihe muri Komite Nyobozi z'Imidugudu harimo abagore 39%.

RALGA yagaragaje ko igenzura rya 2026 ryerekana ko abagore bari mu myanya itorwa muri rusange ari 44.49%, mu Nama Njyanama z'Umujyi wa Kigali n'Uturere ni 46.74%, Njyanama z'Imirenge ni 50.29%, Njyanama z'Utugari ni 50.34% naho muri Komite Nyobozi z'Imidugudu bagera kuri 40.39%.

Mu myanya ipiganirwa mu Nzego z'ibanze, abagore ni 33%, mu Banyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge ni 16%, mu bagize Komite Nyobozi z'Uturere n'Umujyi wa Kigali ni 38.1%; mu gihe abayobozi b'Uturere n'Umujyi wa Kigali bungirije ari 42.86%.

# Ubukerarugendo bwinjirije u Rwanda miliyari 236 Frw mu mezi atatu gusa

KAMALIZA Agnes

***Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare cyatangaje ko hagati y'Ugushyingo 2025 na Mutarama 2026, u Rwanda rwinjije asaga miliyari 236 Frw (angana na miliyoni 161.5 $) binyuze mu serivisi z'ingendo z'abanyamahanga basura igihugu.***



Hakomeje gushakishwa uburyo bwo gushyiraho ibwiriza rimwe ry'ubuziranenge mu bihugu 54 by'Afurika

Muri ayo mafaranga yose, miliyari 199 Frw (miliyoni 136.7 $) yakoreshejwe n'abanyamahanga binjiye mu Rwanda bakoresheje indege. Raporo igaragaza ko ubukerarugendo bwo kuruhuka ari bwo bwinjije amafaranga menshi, agera kuri miliyoni 65 $, aho gusura ingagi byihariye 71.4% by'ayo mafaranga yose.

Hakurikijwe uturere, abashyitsi baturutse muri Amerika ya Ruguru ni bo bagize uruhare runini, bakoresha miliyoni 40.8 $ mu ngendo zabo mu Rwanda.

NISR yerekana kandi ko abanyamahanga binjiye mu Rwanda banyuze ku mipaka y'ubutaka basize miliyoni 24.9 $. Impamvu nyamukuru y'izo ngendo yari ugusura inshuti n'imiryango, byinjije miliyoni 11.3 $, aho abaturutse muri Afurika y'Iburasirazuba (EAC) ari bo bagize uruhare runini, bakoresha miliyoni 19.7 $.

**Uko Abanyarwanda bakoresheje amafaranga mu bihugu bajyamo**

Hagati y'Ugushyingo 2025 na Mutarama 2026, amafaranga u Rwanda rwakoresheje mu mahanga kuri serivisi z'ingendo yageraga kuri miliyoni 95,9 z'amadolari ya Amerika (asaga miliyari 138 z'amafaranga y'u Rwanda, muri ayo ayo Abanyarwanda bakoresheje indege bakoresheje miliyoni 64,4 z'amadolari ya Amerika (miliyari 94 Frw).

NISR igaragaza ko impamvu nyamukuru y'izo ngendo yari ubucuruzi, bwatwaye miliyoni 22,2 z'amadolari ya Amerika (asaga miliyari 32 Frw).

Hakurikijwe aho bajyaga, EAC ni yo yakiriye amafaranga menshi, angana na miliyoni 53,9 z'amadolari ya Amerika. (asaga miliyari 77 Frw).

Ni mu gihe Abanyarwanda bakoze ingendo banyuze ku mipaka y'ubutaka bakoresheje miliyoni 31,5 z'amadolari ya Amerika. (asaga miliyari 47 z'amafaranga y'u Rwanda), aho impamvu nyamukuru yari ugusura inshuti n'imiryango, byatwaye miliyoni 12.4 z'amadolari ya Amerika (asaga miliyari 18 z'amafaranga y'u Rwanda).

NISR igaragaza ko mu mwaka wa 2024, urwego rw'ubukerarugendo rwinjirije u Rwanda amadolari ya Amerika agera kuri miliyoni 647, (arenga miliyari 932 Frw); aho raporo y'Urwego mpuzamahanga rukora ubushashatsi ku ngendo ku Isi (World Travel and Tourism Council) yagaragaje ko muri uwo mwaka uru rwego rwatanze umusanzu ungana na 9,8% ku bukungu bw'Igihugu.

**Icyo bivuze ku bukungu bw'u Rwanda**

Iyi raporo igaragaza ko ubukerarugendo bukomeje kuba inkingi ikomeye y'iterambere ry'ubukungu, aho gusura ingagi bikomeje kuba umusaruro w'ingenzi mu kwinjiriza igihugu. Byongeye, abashyitsi baturutse mu bihugu bikomeye nka Amerika ya Ruguru bagaragaza ko u Rwanda rufite amahirwe akomeye yo gukurura ishoramari n'ubukerarugendo buhamye.

# Harigwa uko ibicuruzwa by'Afurika byagira ikirango cy'ubuziranenge kimwe

ZIGAMA Theoneste

***Umuryango Nyafurika Utsura Ubuziranenge (ARSO) watangaje ko ukomeje gushaka uburyo bwo gushyiraho ibwiriza rimwe ry'ubuziranenge mu bihugu 54 by'Afurika hagamijwe korohereza isoko Rusange ry'Afurika (AfCTA) ndetse no kugabanya ikiguzi cy'ibipimwa inshuro zirenze imwe mu gihe bijyanywe gucururizwa mu bindi bihugu.***

Byagarutsweho mu Nama ya ARSO yateraniye i Kigali kuva tariki ya 3 ikazageza tariki ya 6 Werurwe 2026. Iyo nama yari ihuje inzobere zo mu bihugu bitandukanye by'Afurika, zirimo kwiga uko hashyirwaho amabwiriza amwe ku birango 26 byo mu rwego rw'imyenda n'inkweto bikemerwa ku rwego rw'Afurika.

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe gushyiraho amabwiriza y'Ubuziranenge mu Kigo cy'u Rwanda Gitsura Ubuziranenge (RSB), Gatera Emmanuel yashimangiye ko iryo bwiriza rimwe ku buziranenge bw'ibicuruzwa by'Afurika rizafasha ubucuruzi mu buryo bufatika kandi u Rwanda rushyigikiye iyo gahunda.

Yagize ati: "Icyo bidufasha mu bucuruzi biba nk'ururimi rumwe rukoreshwa. Ubu turimo kuganira cyane kuri serivisi z'imyenda murabizi ko ari byo twahisemo mu guteza imbere Igihugu n'ubukungu bwacyo."

Yunzemo ati: "Ubu turimo gutekereza ko niba tuvuze amabwiriza agenga umwenda w'umunyeshuri, ibyubahirizwa bibe ari bimwe mu Rwanda, Kenya, mu Kirwa cya Maurice, Cape Verde n'ahandi."

Uwo muyobozi ashimangira ko mu gihe ibihugu by'Afurika bifite inganda ziyongera umunsi ku munsi, hakwiye no gushyirwaho amabwiriza ahuriweho azifasha mu gucuruza ibyo zikora nta nkomyi.

Umunyamabanga Mukuru wa ARSO Dr. Nsengimana Hermogene yashimangiye ko iryo bwiriza rimwe ku bicuruzwa by'Afurika, nirijyaho rizagabanya ikiguzi cyagenderaga mu gupima ubuziranenge bw'ibicuruzwa biva mu gihugu, bijyanwa gucururizwa mu bindi bihugu.

Yagize ati: "Turateganya ko umugabane w'Afurika wakoresha ibwiriza rimwe, kugira ngo tugabanye umubare w'amafaranga atangwa muri Laboratwari kugira ngo bapime ibicuruzwa, ibyo bikazanadufasha kwemera ibicuruzwa biturutse mu bindi bihugu tutiriwe dupima."



Abanyamahanga bakunda gusura u Rwanda bikarwinjiriza amadovize

Imibare itangwa na RSB igaragaza ko kugeza ubu mu Rwanda hari inganda zirenga 40 zimaze kubona ibirango by'ubuziranenge, byemewe ku rwego rw'Umugabane w'Afurika, aho zikora amoko y'ibicuruzwa 72 atandukanye.

Inama ya ARSO yasojwe n'igikorwa cyo guha ibyemezo by'ubuziranenge ibigo bito n'ibiciriritse 32 byo mu Rwanda bifite ibicuruzwa 72, birimo ibikorwa ibiribwa bikomoka ku bigori, ingano, imyumbati, ibigori, umuceri n'ubuki, bikaba byaremejwe na ARSO na RSB, binyuze mu ishyirwa mu bikorwa ry'ibipimo by'Afurika byahujwe mu rwego rw'ubuhinzi n'ibiribwa.





# Jeannette Kagame yasabye abagore kwikunda nk'uko bakunda abandi

NTAWITONDA Jean Claude

***Madamu Jeannette Kagame yibukije abagore n'abakobwa kwikunda nk'uko bakunda abandi bakabitangira, ndetse abashishikariza no kwigenzura bakamenya kwibungabunga kugira ngo barusheho kwiyubaka.***



Madamu Jeannette Kagame yibukije abagore n'abakobwa kwikunda nk'uko bakunda abandi

Yabigarutseho kuri uyu wa 8 Werurwe 2026, ubwo u Rwanda rwifatanyije n'Isi yose kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wahariwe Umugore wizihizwa buri mwaka.

Umunsi Mpuzamahanga wahariwe Umugore ugamije kuzirikana uruhare rw'umugore mu iterambere ry'Isi, gusuzuma aho uburinganire bugeze, no gushishikariza abantu gukomeza guharanira uburenganzira bw'abagore.

Mu butumwa yatanze kuri uyu munsi, Madamu Jeannette Kagame, yabanje kwifuriza abagore n'abakobwa umunsi mwiza, agira ati: "Umunsi Mwiza w'Umugore!"

Yakomeje abasaba guharanira kwiyubaka, agira ati: "Kuri uyu munsi twizihiza abagore, ndabasaba kongera kwigenzura mu marangamutima, imico, imyitwarire, mumenye kwibungabunga, byose bigamije kwiyubaka!"

Agaruka ku buryo bagomba kwikunda nk'uko bakunda abandi, Madamu Jeannette Kagame yongeyeho ati: "Uyu munsi wongere kubibutsa ko uko mukunda abandi mukabitaho, mukabamenya, namwe ari byo bibakwiriye. Uko mwita ku buzima bw'abandi namwe mwite ku bwanyu cyane cyane ubuzima bwo mu mutwe."

U Rwanda rurizihiza uyu munsi hazirikanwa uruhare rw'abagore mu iterambere ry'imiryango n'Igihugu, hanakorwa ibikorwa bigamije kubongerera ubushobozi no kwimakaza ihame ry'uburinganire.

Isanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti: "Umugore ni uw'Agaciro".

Amateka y'uyu munsi atangira mu ntangiriro z'ikinyejana cya 20, igihe abagore mu bihugu by'i Burayi na Amerika batangiraga imyigaragambyo basaba uburenganzira bwo gutora no gutorwa, imishahara ingana n'ihabwa abagabo, guhabwa amasaha y'akazi adakabije, n'uburenganzira busesuye mu buzima bw'imibereho.

Mu 1910, Umudagekazi witwa Clara Zetkin yatanze igitekerezo cyo gushyiraho Umunsi Mpuzamahanga wahariwe Abagore mu Nama y'Abagore b'Abakozi yabereye i Copenhagen muri Denmark.

Nyuma yaho, mu 1975, Umuryango w'Abibumbye watangiye kwizihiza ku mugaragaro uyu munsi ku rwego mpuzamahanga.

# Gicumbi: Imyaka 20 ayimaze mu Nzego z'ibanze ashyigikiwe n'umugabo we

KAYITARE Jean Paul

***Mu myaka 32 ishize u Rwanda rubohowe, hari byinshi byahindutse mu nzego zitandukanye. Muri iyi myaka, hashyizweho Politiki ziteza imbere abagore; bava mu gikari no mu gikoni bahabwa urubuga rwo kwerekana ibyo bashoboye kandi mu nzego zose z'imirimo. Mukamana Virginie ni umuhamya ko umugore agira uruhare mu miyoborere y'igihugu kuko amaze imyaka 20 mu Nzego z'ibanze ashyigikiwe n'umugabo we.***



Mukamana Virginie. amaze imyaka 20 ari Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari

Mukamana ni Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Gasharu mu Murenge wa Rutare mu Karere ka Gicumbi, mu Ntara y'Amajyaruguru

Ahamya ko nta gihe yigeze acika intege mu kazi ke, kuko uko iminsi yashiraga yabonaga bikomeye ariko ntacike intege. Agira ati: "Iyo umaze kumenyera umenya uko utwara akazi n'uko wubahiriza inshingano zo mu rugo.

Iyo akazi kabaye kenshi cyane cyane mu masaha y'ijoro kugenda njyenyine ntabwo byakunda, nubwo wenda nashaka n'abandi bo muri komite nyobozi bakamperekeza ariko n'umutware wanjye aramperekeza hanyuma twasoza kugenzura amarondo, gucunga umutekano, isaha imwe, ebyiri tukagaruka mu rugo."

Icyakoze Mukamana agaragaza ko nta gufuha kurimo ahubwo ko ari uguhuza inshingano kandi umugabo we akazimushyigikiramo cyane ko yamwemereye gukomeza akazi afite mu Nzego z'ibanze.

Guhuza inshingano zo kuba umuyobozi, umugore n'umubyeyi ni inshingano avuga ko yubahiriza kandi n'akazi ko kuyobora Akagari kakagenda neza. Ati: "Byose bisaba kwiha gahunda hanyuma kandi no mu rugo umuryango tukuzuzanya, tugafatanya, bakantera ingabo mu bitugu."

Mukamana Ashimangira ko nta byacitse kandi ko nta bigoye birimo mu gihe cyose yuzuza inshingano; zaba izo mu kazi ndetse n'izo mu rugo. Ati: "Icya mbere ni ukwiyemeza, ukumva ko izo nshingano zose zikureba; ari iz'ubuyobozi ari n'izo mu rugo."

Akazi ko mu Nzego z'ibanze, akamazemo imyaka 20 kuko yagatangiye akiri umukobwa kugeza ashatse kandi akomezanya nako, ubu bafitanye abana babiri.

Mu 2008, Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda, Umutwe w'Abadepite yabaye iya mbere ku Isi mu kugira abagore benshi ugereranyije n'abagabo. Abagore bageze kuri 61.25% mu gihe ku rwego rw'Isi bangana na 26.4%.

Abagore bagize 50% bya Guverinoma mu gihe Inzego z'ibanze zigomba kuba zigizwe na 30% by'abagore, nk'uko amategeko abiteganya.

Ubwo yari mu Nteko Rusange ya 63 y'Umuryango w'Abibumbye muri Nzeri 2008, Perezida Paul Kagame yavuze ko u Rwanda rwahisemo guteza imbere uburinganire kuko ari intwaro y'iterambere.

# Perezida Kagame yakiriye Umuyobozi w'Ikigega cy'Ubukungu cya Kazakhstan


SHEMA Ivan

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame yakiriye itsinda riyobowe n'Umuyobozi Mukuru w'Ikigega cy'Ubukungu cya Kazakhstan, Samruk-Kazyna, Nurlan Zhakupov, baganira ku bijyanye no guteza imbere ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.***

Iryo tsinda ryakiriwe na Perezida Kagame ku gicamunsi cyo ku wa 6 Werurwe 2026, ibiganiro byitabiriwe n'Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB), Jean-Guy Afrika n'Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Mine Peterole na Gaze (RMB), Alice Uwase.

Ibiro by'Umukuru w'Igihugu (Village Urugwiro) byatangaje ko baganiriye ku masezerano y'ubufatanye u Rwanda na Kazakhstan biherutse kugirana ku bijyanye n'amabuye y'agaciro y'ingenzi, ibijyanye n'amahirwe ari mu bushakashatsi ku mutungo kamere, kuwuteza imbere no gushora imari mu bijyanye n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Muri Gicurasi 2025, u Rwanda na Kazakhstan basinyanye amasezerano y'ubutwererane ashingiye ku bucuruzi, ikoranabuhanga, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro



**Perezida Paul Kagame yakiriye itsinda riyobowe n'Umuyobozi Mukuru w'Ikigega cya Kazakhstan cy'Ubukungu, Samruk-Kazyna, Nurlan Zhakupo**

n'ubuhinzi.

Iki kigo cya Tau-Ken Samruk giherutse gutangiza ubushakashatsi ku mabuye y'agaciro adasanzwe atab-oneka henshi, (geological exploration for rare and rare-earth metals) mu Rwanda no muri Kazakhsran hagamijwe gushimangira uruhare rw'icyo gihugu mu ruhererekane mpuzamahanga rw'amabuye y'agaciro ndetse uwo mushinga uri gukorerwa mu Rwanda nyuma y'amasezerano y'imikoranire yasinywe hagati y'ibihugu byombi.

Imibare y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Mine, Petelori na Gaze mu Rwanda igaragaza ko mu 2024, urwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rwinjirije u Rwanda asaga tiriliyari 2,4 z'amafaranga y'u Rwanda (miliyari 1.7 z'Amadolari ya Amerika), ndetse intego y'Igihugu ni uko mu 2029 ruzaba rwinjiza tiriyari 3,15 Frw (miliyari 2,17 z'Amadolari ya Amerika).

Kugeza ubu, urwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rutanga akazi ku barenga ibihumbi 92, rukaba rugira uruhare rwa 3% by'umusaruro mbumbe w'Igihugu.

U Rwanda rufite ahantu 52 harimo gukorwaho ubushakashatsi, ku bijyanye n'amabuye ya lithium, 3Ts beryllium, zahabu n'andi, muri gahunda y'Igihugu yo gushakisha ahantu hari amabuye y'agaciro hifashishijwe ikoranabuhanga.

Imibare igaragaza kandi ko u Rwanda rukungahaye cyane ku mabuye ya Wolfram, Gasegereti na Coltan atunganywamo ibyuma bya Tungsten, Tin na Tantalum, aho imibare igaragaza ko rucukura toni ziri hagati y'ibihumbi 8 n'ibihumbi 10 buri mwaka.

**Icyo bivuze ku Rwanda**

Ubufatanye buzafasha u Rwanda kubona ikoranabuhanga rigezweho mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, bigatuma ubucukuzi bugira umusaruro mwinshi kandi wunguka. Mu buhinzi, Kazakhstan izasangiza u Rwanda ubunararibonye mu kuhira no gucunga ubutaka, bigatuma u Rwanda rwongerera abaturage ibiribwa kandi rugabanye ibiciro by'ibikomoka ku buhinzi.

Gufungura imiryango y'ubucuruzi mpuzamahanga bizafasha u Rwanda kwagura amasoko y'ibicuruzwa byarwo muri Aziya no kongera icyizere cy'abashoramari mpuzamahanga.

Ubu bufatanye buzazana ubumenyi mu bijyanye n'ikoranabuhanga rigezweho, harimo uburyo bw'ikoranabuhanga mu bucuruzi n'ubuhinzi. Ibi bizatuma habaho ubuhinzi buhamye kandi burambye, bigafasha mu kurwanya inzara no kongera ibicuruzwa byoherezwa hanze.

Ubufatanye bw'u Rwanda na Kazakhstan ni inzira nshya y'iterambere, buzafasha u Rwanda kongera imbaraga mu mabuye y'agaciro, guteza imbere ubuhinzi bugezweho no kwagura amasoko y'ubucuruzi ku rwego mpuzamahanga.

# Abanyarwanda baba muri UAE bashaka gutaha basabwe kwiyandikisha

KAMALIZA Agnes

***Ambasade y'u Rwanda muri Leta Zunze Ubumwe z'Abarabu (UAE) no muri Bahrain yasabye Abanyarwanda bari yo bifuza gutaha kubera ibibazo by'intambara iri mu karere biherereyemo yatangiye guhera ku wa 28 Gashyantare 2026, kwiyandikisha vuba kugira ngo hategurwe uburyo bwo kubacyura mu mutekano.***

Nyuma y'uko intambara yaturutse ku bitero bya Leta Zunze Ubumwe za Amerika na Isiraheli kuri Iran ikomeje kwaguka mu karere k'Uburasirazuba bwo Hagati, Ambasade y'u Rwanda muri Leta Zunze Ubumwe z'Abarabu (UAE) no muri Bahrain yatangaje ko iri gukorana na Sosiyete Nyarwanda y'Ingendo zo mu Kirere (RwandAir) mu rwego rwo gufasha Abanyarwanda bifuza gutaha.

Itangazo ryasohotse ku wa Gatanu ryemeje ko kugeza ubu **nta Munyarwanda n'umwe uragwa muri iyo ntambara**, ariko risaba Abanyarwanda bose bifuza gutaha kwiyandikisha vuba na bwangu kuri Ambasade kugira ngo hategurwe ingendo zizatuma basubira mu gihugu mu mutekano.

Ambasade yongeyeho ko izakomeza kuba hafi y'Abanyarwanda bari muri ibyo bihugu, ibaha ubufasha bushoboka, kandi ibasaba gukurikiza amabwiriza y'ubuyobozi bw'ibihugu barimo no gukurikirana amakuru mashya atangazwa n'inzego z'ubutegetsi.

**Imibare y'abagizweho ingaruka**

Ibinyamakuru mpuzamahanga nka **BBC, Al Jazeera** ndetse na **Reuters** byatangaje ko abarenga igihumbi bamaze kugwa muri iyo ntambara. Muri bo 1,200 baguye muri Iran, 77 muri Libani, 10 muri Isiraheli, 13 muri Iraq, 3 muri Kuwait, 3 muri UAE, 1 muri



**RwandAir yiteguye gufasha Abanyarwanda bari mu bihugu bya UAE bifuza gutaha**

Bahrain, 1 muri Oman

**Icyo bivuze ku Rwanda**

Iyi gahunda yihutirwa igaragaza ubushake bwa Leta y'u Rwanda bwo kurinda abaturage bayo aho bari hose, no kubafasha mu bihe by'akaga. Ubufatanye na RwandAir ni ikimenyetso cy'uko igihugu cyubaka inzira zizewe zo gucyura abaturage mu gihe cy'intambara cyangwa ibibazo by'umutekano aho bari hose.





# Uburengerazuba: Aborozi bishatsemo ibisubizo by'ibiryo by'amatungo bahinga "Azolla"



**'Azolla' ifasha aborozi kugaburira neza amatungo yabo**

NYIRANEZA Judith

***Aborozi bo mu Ntara y'Iburengerazuba bo mu Turere twa Karongi, Ngororero, Nyabihu na Nyamasheke babonye ko ibiryo by'amatungo bigenda bihenda, bishakamo ibisubizo, bahinga ''Azolla banorora amasazi y'umukara, byombi bikungahaye ku ntungamubiri za ngombwa mu bijyanye n'ibiryo by'amatungo.***

Aborozi bo muri utwo Turere bahuriza ku kuba ibiryo by'amatungo bihenda, ariko batareka korora kuko ubworozi bw'amatungo magufi bamaze kubona ko bworoshye kubukora kandi ayo matungo yororoka vuba, akabafasha kwikura mu bukene, bityo batekereza ubundi buryo bwabafasha kubona ibiryo by'amatungo buhendutse.

Aborozi bo mu Mudugudu wa Gisesero, Akagari ka Muhororo mu Murenge wa Kirimbi, Akarere ka Nyamasheke bahisemo gutangira kwikorera ibiryo by'amatungo mu nigwahabiri (amasazi y'umukara) borora akungahaye ku ntungamubiri, nyuma y'uko ibiciro by'ibisanzwe bitumbagiye ku isoko, bakabona batapfa kubyigondera.

Nyirasengiyumva Charlotte utuye mu Mudugudu wa Gisesero, Akagari ka Muhororo mu Murenge wa Kirimbi, Akarere ka Nyamasheke yavuze ko ibiryo by'amatungo byahenze, ariko bashakishije ubundi buryo bwo kubona ibyakunganira ibyo bari basanzwe bagura.

Yagize ati: "Ubu bworozi bw'inigwahabiri (amasazi y'umukara) butaraza twari tworoye ingurube, ariko ntizari nziza nk'izo dufite ubu. Mbere twagaburiraga ibyo kurya bitujuje intungamubiri nk'izo ingurube zikenera. Twigishijwe na PRISM uko twakorora inigwahabiri, none ubu dusigaye tugaburira ingurube ibyiryo byiza byujuje ibikenewe, birimo ibitera imbaraga, ibyubaka umubiri n'ibirinda indwara."

Yakomeje asobanura ko baturanye n'uruganda rusya umuceri bagenda bakagura 'son de riz', baza bakavangamo inigwahabiri, ubundi bagakora imvange yabyo, tukagaburira amatungo yabo ibiryo byuzuye neza.



**Ibinyampeke bimejeje bitanga ibiryo by'amatungo byiza**

Ati: "Inigwahabiri mu biryo by'amatungo isimbura soya n'indagara, ni indyo yuzuye, ingurube yayiriye iba iriye neza. Mu mezi 6 ishobora kutarenza ibilo 50, ariko iyo yariye neza ibiryo birimo inigwahabiri yagira ibilo 150."

Dusabirema Beatha wo mu Karere ka Ngororero, mu Murenge wa Nyange, Akagari ka Bambiro, Umudugudu wa Bugabe yavuze ko nubwo ibiryo by'amatungo byahenze, bagerageza gushakisha ibindi biryo byunganira ibisanzwe.

Ati: "Ku bijyanye n'ibiryo by'amatungo, byahenze, twishatsemo ibisubizo tubikesha ubumenyi bahawe n'umushinga PRISM duhinga 'azolla', ni ibyatsi bihingwa mu mazi hanyuma bikunganira ibiryo bisanzwe. Hari n'ubundi buryo bwo kumeza ibinyampeke (Hydroponic). Bidufasha kugira amatungo asa neza kuko ibyo biryo biba byujuje ibikenewe."

Yasobanuye muri make uko azolla ihingwa, ati: "Azolla ni ibyatsi byunganira ibiryo by'ingurube, mu kubihinga ubanza gucukura ikiroba ubujyakuzimu santimetero 60, ubutambike metero 2, ugasasamo shitingi uhereye mu nguni ukazana ivu ryo mu ziko nk'ibilo 2 ukanyanyagizamo muri ya shitingi hagati.

Nyuma uzana itaka ryiza naryo nk'ibilo bibiri ukarinyanyagiza hejuru ya rya vu, ukavomera amazi muri iyo sitingi hanyuma ukazana za mbuto zawe za 'azolla' ukazishyira muri ya mazi, bitewe n'ingano y'ibyo ushaka. Mu minsi 7 utangira gusarura."

Yakomeje asobanura uko bameza ibinyampeke (Hydroponic).

Ati: "Umuntu afata ibigori, akabironga hari isabune yabugenewe, akabyunyuguza inshuro 4, akabishyira aho byateguriwe nko mu ndobo byatangira kumerera mu mazi, noneho hashira iminsi 7, turinura bikamara iminsi 2 muri ya ndobo amazi twarayakuyemo, bikazana imimero.

Ni bwo tubikuramo tukabishyira ku gatanda, aho tuvomerera, mu gitondo, saa sita na nimugoroba.

Dufata inusu ya 'azolla', inusu ya 'hydroponic' n'inisu ya buranda bikagaburirwa ingurube imwe.Nyuma y'iminsi 7 ni bwo dutangira kugabura."

Murekatete Odette wo mu Mudugudu wa Gasharu, Akagari ka Gasharu, mu Murenge wa Mutuntu, Akarere ka Karongi, avuga ko ibiryo byahenze kubera kubikura kure, itsinda ryabo rikigira inama yo gucuruza ibiryo by'amatungo.

Yagize ati: "Ibiryo by'amatungo byarahenze, aho bigura amafaranga y'u Rwanda 810 cyangwa 800 Frw bivuye kuri 750 Frw ku kilo, kandi bituruka kure umuntu aba agomba kubitegera kuko bituruka kure i Rubengera.



**Aborozi bifashisha inigwahabiri (amasazi y'umukara) mu kubonera amatungo ibiryo bikungahaye ku ntungamubiri**

Gusa gahunda ihari ni uko twazakora itsinda, tukabirangura tukajya tubicururiza hafi n'abandi borozi bakazajya batugurira."

Mugiraneza Vedaste wo mu Kagari ka Guriro, mu Murenge wa Rambura mu Karere ka Nyabihu, wahawe ingurube n'umushinga wa Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, PRISM yavuze ko kuba barahawe ubumenyi ku bworozi byabafunguye amaso, bagura ibitekerezo.

Ati: "Ubumenyi twahawe na PRISM bwadufashije kwibumbira hamwe dutekereza uko twakomeza kwagura ubworozi, twigira inama yo gucuriza ibiryo by'amatungo, tukabibona hafi kuko mbere twajyaga kubigura i Musanze. Dushobora gucuruza nk'ibilo 7000 mu kwezi."

Umuyobozi w'Akarere ka Karongi wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Umuhoza Pascasie, yavuze ko ubuyobozi buticaye ahubwo bushakisha igisubizo ku kibazo cyo kuba ibiryo by'amatungo bihenda.

Ati: "Ntitwicaye yaba Minagri tuganira umunsi ku wundi ndetse hari ubwatsi bw'amatungo buhingwa kandi bufasha amatungo gukura vuba kandi neza nubwo akura neza.

Hari imbuto zimaze iminsi ziterwa ku materasi, no mu mirima muri rusange byunganira ibiryo by'amatungo, turi kugerageza gukorana n'abikorera kugira ngo nibura tube twabona uburyo ibiryo by'amatungo byo mu nganda byunganira ibyo bahinga, na byo bikaboneka muri Karongi bikahagera ku bwinshi."



PISA ifasha kunoza integanyanyigisho n'ingamba zo kwigisha

# U Rwanda rwiteguye kwakira ibizava muri PISA 2025 – NESA

KAYITARE Jean Paul

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri, NESA, gitangaza ko u Rwanda rwiteguye kwakira ibizava muri gahunda Mpuzamahanga yo Gusuzuma Ubumenyi n'Ubushobozi by'Abanyeshuri (PISA) ya 2025.***

Ni isuzuma ryitabiriwe n'abanyeshuri 7 455 bo mu bigo by'amashuri yisumbuye. Biteganyijwe ko amanota azatangazwa mu kwezi kwa Nzeri 2026.

Abanyeshuri 7 455 bitabiriye isuzuma ryakozwe mu 2025, barikoze kuva ku itariki 27 Mata kugeza ku ya 7 Kamena.

Isuzumabumenyi rya PISA rikorwa mu byiciro bibiri birimo icy'igerageza n'icy'isizuma nyirizina. Abanyeshuri basuzumwa ubumenyi n'ubushobozi bafite mu gusoma, imibare ndetse no muri Siyansi.

Umuyobozi Mukuru wa NESA, Dr. Bernard Bahati aherutse gutangaza ko intego y'iyi gahunda ari ugusuzuma ibyo abanyeshuri bashoboye bityo bigaherwaho hakorwa igenemigambi rinoze.

U Rwanda rwungukira kuri PISA nk'uko bisobanurwa n'ubuyobozi bwa NESA. Bugira buti: "PISA idufasha kunoza integanyanyigisho n'ingamba zo kwigisha, gutanga ibipimo mpuzamahanga byifashishwa mu kugereranya urwego rw'imyigire y'abanyeshuri no gufasha abayobozi gufata ibyemezo bya politiki bigamije kongera ireme ry'uburezi."

Uruhare rwa Guverinoma n'inzego z'uburezi mu Rwanda, zikoresha ibyavuye muri PISA hagamijwe guteza imbere politiki y'uburezi. Ni mu gihe ibigo by'amashuri n'abarimu baba basabwa gutegura abanyeshuri gutekereza cyane no kugira ubumenyi ku gukemura ibibazo.

NESA igaragaza ko uruhare rw'ababyeyi n'umuryango nyarwanda muri rusange, ari ugushyigikira abanyeshuri mu rugendo rw'imyigire yabo.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri, gishishikariza abanyeshuri, abarimu, abayobozi b'amashuri n'abandi bafatanyabikorwa kugira imyumvire myiza kuri PISA no gukomeza kumenya amakuru ndetse no kugira uruhare mu biganiro bigamije kunoza ireme ry'uburezi.

Mu 2000 ni bwo iryo suzuma ryatangiye gukorwa, aho ryari risanzwe rikorwa buri nyuma y'imyaka itatu. PISA ikorwa buri nyuma y'imyaka itatu mu bihugu birenga 80 hirya no hino ku Isi.

PISA yashyizweho n'Umuryango Mpuzamahanga w'Ubukungu, Ubufatanye n'Iterambere (OECD) mu 1997, hagamijwe gupima ubushobozi bw'abanyeshuri mu gukoresha ubumenyi bwabo mu buzima busanzwe, harebwa ibitekerezo byabo hamwe n'ubuhanga bafite bwo gukemura ibibazo.

# Ruhango: Gufatira ifunguro rya saa sita ku ishuri byakemuye ikibazo cy'abataga amashuri

MICOMYIZA Fidele

***Ubuyobozi bw'Akarere ka Ruhango bwatangaje ko nta bana bagita amashuri kubera inzara, kuko ababyeyi bumvise neza gahunda yo gufatira amafunguro ku ishuri, bityo abagejeje igihe cyo kwiga bose bakoherezwa.***



Abana ntibagita ishuri kubera amafunguro ya saa sita bahafatira

Byagarutsweho ku wa Gatatu tariki ya 4 Werurwe mu bukangurambaga, Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) ifatanyije n'iy'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) bakoreye ku rwunge rw'amashuri rwa Ruhango ADEPR, bugamije gukangurira ababyeyi gukomeza gushyigikira gahunda yo gufatira amafunguro ku ishuri, batanga umusanzu ku gihe.

**Abanyeshuri bishimiye gufatira ayo mafunguro ku ishuri**

Nayituriki Tabita wiga mu mwaka wa 5 w'amashuri abanza kuri we ngo gufatira amafunguro ku ishuri byamugabanyirije urugendo yakoraga ajya kuyafatira mu rugo, avuga ko yavaga kuyafata akagera ku ishuri yumva ashaka gusinzira, ariko ubu ahita akomerezaho amasomo nta nkomyi.

Shimwa Yesu we abona ari amahirwe kuba bahabwa amafunguro ku ishuri, ngo kuko hari abana batahaga bagasanga mu rugo nta byo kurya bihari kandi bagomba gusubira mu masomo. Yavuze iyo nzara yabagabanyirizaga umuhate bagira mu kwiga ndetse bigatuma batekereza no kuba bava mu ishuri.

Umuyobozi w'Urwunge rw'Amashuri rwa Ruhango ADEPR, Musabyemariya Immaculée yavuze ko iyi gahunda yagize uruhare rukomeye mu mitsindire y'umwana ugereranyije na mbere iratarashyirwaho.

Yagize ati: "Gufatira ifunguro ku ishuri byongereye abana amahirwe yo kubona indyo yuzuye, byabagabanyirije urugendo bakoraga ku munsi bajya kandi bava gufatira amafunguro mu rugo. Si ibyo gusa kuko n'ababyeyi babonye umwanya uhagije wo gukorera imiryango yabo."

Yakomeje avuga ko kuri ubu kuri icyo kigo hari abana 12 bakomoka mu miryango itishoboye, aho iyo bamaze gufata amafunguro ya saa sita, bababikira ibyo baza kurya batashye nimugoroba, kuko baba bazi ko nibagera mu rugo batari bubibone.

Yashimangiye ko ibyo bituma umunsi ukurikiyeho baza ku ishuri banezerewe ndetse bagakurikira amasomo nta gihunga bakaba baciye ukubiri no guta ishuri kubera gusonza.

Kaboneye Jean Paul, umubyeyi urerera muri icyo kigo yavuze ko iyi gahunda ari ingirakamaro mu gutuma abana biga neza ndetse bagakura neza.

Yakebuye n'ababyeyi birengagiza izi nshingano kuko uruhare rwabo muri iyi gahunda ari ruto cyane ugereranyije n'urwo Leta iba yabigizemo.

Yabwiye itangazamakuru ko kuba abana barira ku ishuri saa sita byaruhuye umutwaro ababyeyi kuko batakoraga neza imirimo.

Yagize ati: "Niba umubyeyi yarakoraga imirimo yihuta kuko abana benda gutaha, bimwe bikangirika ariko ubu umwana akaba afatira indyo yuzuye ku ishuri hari icyo na we byamufashije utabishyigikira yarasigaye."

Umuyobozi w'Akarere ka Ruhango Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Mukangenzi Alphonsine, yavuze ko ababyeyi batuye Akarere ka Ruhango bumvise gahunda yo gufatira amafunguro ku ishuri bakaba babarirwa ku gipimo cya 85%.

Yumvikanishije ko ako Karere kari mu twa mbere mu Gihugu mu gushyigikira gahunda yo kugaburira abanyeshuri ifunguro rya saa sita, ahari gahunda yo korohereza imiryango idashobora kubona amafaranga igatanga ibiribwa.

Yagize ati: "Dufite gahunda y'ivunjishafaranga, aho umubyeyi udafite amafaranga ariko afite ibindi bintu nkenerwa mu gutekera abana nk'inkwi cyangwa ikindi akizana tukakigenera agaciro, umwana akabasha gufata ifunguro.

Imibare iheruka ya Minisiteri y'Uburezi igaragaza ko mu Rwanda habarirwa ibigo birenga ibihumbi 4 by'amashuri abanza, byigwamo n'abana barenga Miliyoni 3 mu gihe mu mashuri yisumbuye habarurwa ibigo bisaga ibihumbi 2 byigamo abanyeshuri barenga ibihumbi 700.

Iyo Minisiteri ivuga ko ikigambiriwe ari uko abana bose baba bafatira amafunguro mu mashuri ku kigero cya 100%.





# Nyagatare-Matimba: Banyuzwe n'inzu y'ababyeyi bubakiwe



Hubatswe inyubako y'inzu y'ababyeyi yababereye igisubizo

HITIMANA Servand

***Ababyeyi bagana ivuriro rya Matimba mu Karere ka Nyagatare ndetse n'ababyaza bahakora, bavuga ko inyubako nshya y'ababyeyi bubakiwe yabarinze imbogamizi bagiriraga aho bari basanzwe babyarira hari hato bikagira ingaruka kuri serivisi z'ububyaza.***

Ibi ni ibyatangajwe na bamwe mu babyeyi baganiriye na Imvaho Nshya ubwo yabasangaga ku ivuriro rya Matimba. Bavuga ko bishimiye kuba uyu munsi bari kwakiririrwa mu nyubako yagenewe ababyeyi baje kubyara kuko hatandukanye n'aho babyariraga mbere.

Nyiransabimana Chantal agira ati: "Uyu munsi tunejejwe cyane n'ahantu turi kuza kubyarira, ubusanzwe twari ahantu hatameze neza tubyigana, ku buryo nta kwisanzura ku mubyeyi uri kunda. Ababyeyi 2 bashoboraga kuryama ku gitanda kimwe, ubu hano ni hagari tubona aho gutegerereza, aho kubyarira n'aho kuruhukira."

Mukeshimana Ange na we agira ati: "Uretse kubona ahantu hisanzuye, njyewe nshima n'isuku iri muri iyi nyubako, ni ahantu heza hashobora no gutera ibyishimo ugiye kubyara. Umuntu wabyariye mu nyubako ya mbere ntiyabura gushimishwa no kuza agasanga hari impinduka nk'izi."

Ukuriye serivisi z'ububyaza muri iri ivuriro avuga ko ikibazo cyo kutagira aho kwakirira ababyeyi kitari ku babagana gusa ahubwo ngo byagiraga ingaruka no ku babyaza na serivisi batanga. Ati: "Mbere twakiriraga ababyeyi mu kazu gato kari hariya hirya, njye nakozemo ariko twari tubangamiwe ku buryo no mu gihe uri kwita ku mubyeyi waburaga n'uko uhindukira, urumva byabangamiraga serivisi dutanga.

Ikindi nta muherekeza cyangwa umurwaza wageraga hafi y'umurwayi kubera kuba hato."

Akomeza agira ati: "Aha twimukiye rero ho navuga ko ari mu bisubizo kuko hari aho umubyeyi atemberera mu gihe ategereje isaha yo kubyara, hari aho kubyarira dushobora gufashiriza nk'ababyeyi babiri icyarimwe ndetse n'aho kuruhukira twakirira ababyeyi 5 babyariye rimwe."

Habimana Abdallah umugabo ufite umugore wabyariye muri iyo nyubako nshya na we agira ati: "Ni ukuri ndashima ko umugore wanjye yabyariye ahantu hasa neza. Ubu ndi hano namugemuriye kandi ndi kumugeraho nkamuganiriza nkareba umwana mu gihe mbere bitakundaga. Hari impinduka nyinshi kubera iyubakwa ry'iyi nzu."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage Murekatete Juliet, agaruka ku byakozwe mu rwego rw'ubuzima harimo no kongera ibikorwa remezo bifasha mu gutanga serivisi z'ubuzima zinoze.

Ati: "Mu bikorwa tugira mu mihigo harimo n'ibi byo gufasha abaturage kugera kuri serivisi z'ubuzima. Uko n'ubushobozi buboneka tugenda tubegereza ibikorwa remezo nk'ibi bibafasha muri gahunda z'ubuzima, binadufasha kugera ku ntego yo kubyarira kwa muganga kuri buri mubyeyi." Kugeza ubu mu karere ka Nyagatare hari Ibitaro 2, Ibigo nderabuzima 20 n'amavuriro y'ibanze.

# Huye-Nyamagabe: Barishimira ko iteme ryari rigiye gutwarwa n'ibiza ryasanwe

BYUKUSENGE Annonciata

***Abakoresha umuhanda Huye-Nyamagabe barashima ko iteme riri mu gishanga cya KONFIGI ryatunganyijwe ku buryo burambye rikaba ritazongera kwangizwa n'ibiza kubera amazi y'umugezi uca muri icyo gishanga cya CONFIGI yajyaga arisenya mu gihe cy'imvura.***



Imodoka ziremereye zatizaga umurindi kwangirika k'umuhanda

Nkundimana ni umuhinzi ukorera mu gishanga cya Konfigi giherereyemo iri teme. Aganira na Imvaho Nshya yavuze ko iri teme ryari rihangayikishije.

Ati: "Mu gihe cy'imvura iri teme ryarikaga rikagwamo ku buryo imodoka z'abantu ku giti cyabo bavagamo bakaduhamagara ngo tubasunikire kuko hari izateberagamo. Iri teme ryari riteye impungenge kuko n'abantu bashoboraga kugwamo bitewe nuko icyuma gituma rihagarara aricyo cyari cyarariwe n'umugese bituma ritebera."

Akomeza avuga ko kuva ryasanwa amazi yabonye inzira atacyuzura mu muhanda kandi n'imodoka ziremereye zihanyura nta kibazo, ariko ritarakorwa ngo wasangaga imodoka ziremereye zigira uruhare mu kwangirika kwaryo.

Umuhinzi muri iki gishanga, akaba anatuye hafi yacyo, Nyiraminani avuga ko nubwo iri teme ryatunganyijwe, ariko hakiri imbogamizi z'amazi y'uwo mugezi kuko mu gihe cy'imvura iyo wuzuye ushobora guteza impanuka.

Ati: "Njyewe ntuye mu Kagali ka Kabuga mu Murenge wa Mbazi, ariko abatuye hakurya mu Kagali ka Rukira, Umurenge wa Huye bambuka uyu mugezi baza kuvoma kuri iri vomo.

Abana banyura muri uyu mugezi kandi ntabwo ufite inkengero. Ubuyobozi budufashije bukaduterera imigano ku nkengero zawo, byadufasha kuko wagira inkombe no kuwambuka bikoroha."

Umuyobozi w'Akarere ka Huye wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Kamana Andrée, yabwiye Imvaho Nshya ko ibiza ari byo byangizaga iteme n'umuhanda muri rusange, ariko iki kibazo cyakemuwe ku buryo burambye.

Ati: "Ikibazo cy'iteme ryari ryarangiritse cyarakemutse. Ryangizwaga n'ibiza bigatuma n'umuhanda ugira ikibazo. Turasaba abaturiye iri teme n'abakoresha uyu muhanda wa Huye-Nyamagabe gufata neza iri teme by'umwihariko abahinga mu gishanga cya KONFIGI bakirinda kujya barundamo ibyatsi n'indi myanda bavanye mu mirima."

Ku bijyanye n'ubusabe bw'abahinga muri iki gishanga basaba ko ku nkengero z'uyu mugezi haterwa imigano; Kamana yagize ati: "Imigano ntabwo nabagira inama yo kuba ari yo batera ku nkengero z'uyu mugezi. Ahubwo ndabagira inama yo guteraho ibisheke kuko bifata ubutaka kandi bigatanga n'amafaranga mu gihe gito. Rero bazatereho ibisheke bijye bibaha n'amafaranga."

Iki gishanga cya KONFIGI kirimo iri teme ryasanwe riri mu muhanda wa Huye-Nyamagabe ahazwi nk' i Sovu, ni cyo gihuza Imirenge ya Huye na Mbazi yo mu Karere ka Huye.

# Kayonza: Kwibumbira mu matsinda byakemuye amakimbirane yo mu ngo



Nyuma yo gukora, abibumbiye mu makoperative banaganira ku bibateza imbere

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Mu Karere ka Kayonza, hari imiryango yahoze ibana mu makimbirane ashingiye ibura ry'akazi, abaturage bavuga ko iyo nta bushobozi buhari mu rugo, havuka kutumvikana, gushinjanya gucana inyuma, bigakurura intonganya za hato na hato.***

Gusa uko imyaka yagiye ishira, kwibumbira mu matsinda yo kwizigamira no kwibumbira hamwe mu makoperative byahinduye isura y'imibereho y'ingo.

Abaturage bavuga ko gukorera hamwe byatumye babona ubumenyi, bongera umusaruro ndetse babasha kwizigamira, ibintu Bizana amahoro mu ngo zabo.

Umugabo umwe utuye mu Murenge wa Rutunga, wari usanzwe atongana n'umugore we buri gihe, yavuze ko impamvu nyamukuru y'amakimbirane yabo yari ukubura akazi no kutagira icyo yinjiza mu rugo.

Yagize ati: "Nari narabuze akazi, nta faranga ryinjiraga mu rugo. Ibyo byatumaga mporana uburakari, nkumva ntishimiye ubuzima, bikavamo gushwana n'umugore wanjye. Ariko aho twinjiriye muri koperative y'ubuhinzi tugatangira guhinga ibigori mu buryo bwa kijyambere, twabonye umusaruro utuma tubona amafaranga."

Avuga ko ubu ashobora gutanga umusanzu we mu rugo, kugura ibikoresho by'ibanze no kwishyurira abana ishuri, bigatuma amahoro agaruka mu muryango.

Yagize ati: "Ubu twaratuje, turicara tukaganira aho gutongana. Kwibumbira hamwe byaraduhinduye, kuko twabonye ifaranga twikenuza kandi intandaro y'ibibazo ubundi aba ari ubushobozi buke mu muryango."

Mukamana Euphrasie wo mu Murenge wa Rwinkwavu yavuze ko mbere yahoraga ahozwa ku nkeke n'umugabo we, amubwira ko nta cyo amaze kuko nta cyo yinjizaga mu rugo. Ngo hari n'igihe batashoboraga kumara iminsi itatu mu cyumweru batarwanye.

Yagize ati: "Ninjiye mu itsinda ry'abagore bahinga imyumbati bakanayitubura. Twahawe amahugurwa ku buhinzi no kwizigamira. Ubu umusaruro warazamutse, mbona amafaranga yanjye bwite. Twavuguruye inzu, abana bariga neza kandi n'umugabo wanjye yarahindutse. Iyo mwese mufite icyo mukora, amakimbirane aragabanyuka."

Abaturage benshi bahuriza ku kuba kwibumbira mu matsinda bibafasha gusangira ibitekerezo, kungurana inama no gukemura ibibazo byabo mu bwumvikane. Bemeza ko iyo bahuriye mu matsinda, bunguka ubumenyi butuma barushaho gutekereza ku iterambere aho guhora mu makimbirane.

Rudacogora Jean de Dieu, impuguke mu by'imari n'iterambere (Access to Finance Specialist) mu mushinga wa KIIWP2, avuga ko kwibumbira mu matsinda ari inzira nziza yo gukemura ibibazo bijyanye n'ubukungu

Yagize ati: "Iyo abaturage babonye ubumenyi ku buhinzi, kwizigamira no gukorera hamwe, babasha kwikemurira ibibazo byabo. Ubukene ni imwe mu mpamvu zikomeye z'amakimbirane mu ngo, ariko iyo bwinjiye mu nzira y'iterambere, amahoro n'umutekano biriyongera."

Umuyobozi w'Akarere ka Kayonza Fred Hategekimana, na we ashimangira ko kwibumbira mu matsinda ari umwanya mwiza wo gusangira ubuzima, imitekerereze n'imyumvire.

Yagize ati: "Amatsinda n'amashyirahamwe si ayo gushaka inyungu z'ubukungu gusa, ni n'ishuri ry'imibanire myiza. Iyo abantu bahuriye hamwe, bigira ku bandi, bakamenya kuganira no kumvikana. Ibyo bituma n'amakimbirane yo mu ngo agabanyuka kuko baba baramaze kumenya agaciro ko kuganira no gufashanya."

Akomeza asaba abaturage gukomeza gushyira imbaraga mu gukorera hamwe no kwizigamira, kuko ari imwe mu nkingi z'iterambere rirambye n'amahoro asesuye mu miryango.

Muri rusange, abaturage bo mu Karere ka Kayonza bemeza ko kwibumbira mu matsinda n'amashyirahamwe no mu matsinda byababafashije kwiteza imbere, ubukene buragabanyuka, amakimbirane arashira, maze imiryango itangira kubana mu mahoro no mu bwumvikane busesuye.




Kayumba Bernard ushinzwe ubukangurambaga bwa EjoHeza muri RSSB

## Imisanzu ya EjoHeza yageze kuri miliyari 90 Frw

**HABIMANA Eric**

***Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) cyatangaje ko imisanzu abanyamuryango biteganiriza kuzagira amasaziro meza izwinka (EjoHeza), binyuze kuri konti zabo imaze kugera kuri miliyari 62 z'amafaranga y'u Rwanda, hakiyongeraho uruhare rwa Leta n'inyungu zituruka kuri iyi misanzu, amafaranga yose akagera kuri miliyari 90.***

EjoHeza ni gahunda yashyizweho na Leta y'u Rwanda binyuze muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi, igamije gufasha Abanyarwanda kwizigamira by'igihe kirekire bitewe n'umusanzu bahisemo gutanga buri kwezi, kugira ngo uzabafashe mu gihe bageze mu zabukuru.

Imibare ya RSSB igaragaza ko kuva gahunda yatangira mu 2018 kugeza mu 2025, abanyamuryango bamaze kugera kuri miliyoni 4 n'ibihumbi bisaga 700, barimo abarenga miliyoni 4 n'ibihumbi 200 batanga ubwizigame buri gihe, aho icyo kigo kivuga ko uwo mubare ukomeza kuzamuka, kandi hari ingamba zo gukomeza kongera ubwizigame butangwa.

Umukozi wa RSSB ushinzwe ubukangurambaga bwa EjoHeza muri RSSB ku rwego rw'igihugu, Kayumba Bernard, yavuze ko ubwitabire bw'abaturage bukomeje kwiyongera, kandi bigaragaza impinduka mu myumvire ugereranyije n'imyaka ishize.

Ati: "Turishimira intambwe imaze guterwa mu kumvisha abantu akamaro ko kwizigamira igihe kirekire, bateganya pansiyo izabafasha mu zabukuru. Nubwo hakiri abagiseta ibirenge, uko imyaka igenda ishira ni ko ubwitabire bugenda bwiyongera kandi mu cyerekezo cyiza."

Yongeyeho ko hari n'abatangiye kwandikisha imiryango yabo, barimo abagore n'abana, kuko na bo bakwiye kwizigamira.

Urugero ni urw'umumotari wo mu Ntara y'Amajyepfo umaze kwizigama ibihumbi 800 ndetse anazigamira umuryango we.

Ati: "Aho twavuye n'aho tugeze hari byinshi byo kwishimira. Kuba hari umunyamuryango umaze kwizigama ibihumbi 800 by'amafaranga y'u Rwanda kandi yaranazigamiye abana be, bigaragaza impinduka ikomeye mu myumvire. Nubwo hari abakibigendamo buhoro, ubukangurambaga burakomeje."

KOMEZA KU RUP.15





## Imisanzu ya EjoHeza yageze kuri miliyari 90 Frw

IBIKURIKIRA URUP.14

Ku bijyanye n'aho Intara z'u Rwanda zihagaze mu gutanga imisanzu, Kayumba yavuze ko Intara y'Amajyepfo ari yo iza ku isonga, igahora ihatana n'iy'Uburengerazuba, bikaba bituma gahunda irushaho kwitabirwa.

Ati: "Intara y'Amajyepfo ikomeje kwitwara neza, ariko ihora ihatana n'Uburengerazuba. Iri rushanwa rimeze nk'imihigo rituma abaturage babyumva kandi bakitabira EjoHeza."

Yanagarutse ku mavugurura ateganywa muri gahunda ya EjoHeza, arimo ko umunyamuryango utarageza ku myaka 55 azajya ashobora gukoresha 30% by'ubwizigame bwe mu gukemura ibibazo byihutirwa, mu gihe 70% izakomeza kuzigamwa ku gihe kirekire. Ikindi ni uko igipimo cy'ubwizigame gisabwa kugira ngo umuntu abone pansiyo kizagabanyuka kiva kuri miliyoni 4 kigashyirwa kuri miliyoni 2.

Itegeko rigenga EjoHeza rivuga ko ari gahunda y'ubushake, aho umuntu azigama uko ashoboye n'igihe ashoboye. Ni gahunda yashyiriweho Abanyarwanda bose, by'umwihariko abakora imirimo itanditse, nyuma yo kugaragara ko abarenga 92% batagiraga gahunda yabafasha kubaho neza bageze mu zabukuru. Gahunda ya EjoHeza igengwa n'Itegeko No 29/2017 ryo ku wa 29 Kamena 2017.

# Nyamagabe: Ubworozi bw'inkoko bwagabanyije imirire mibi



Mukashyaka Innocente yavuye mu miirire mibi n'abana be kubera ubworozi bw'inkoko

**BYUKUSENGE Annonciata**

***Ubworozi bw'inkoko ni kimwe mu buryo bwagabanyije imirire mibi mu Karere ka Nyamagabe kuko imiryango 900 yari ifite abana bagwingiye n'abafite ibimenyetso by'imirire mibi, ubu bose bafite imibereho myiza kuko babonye amagi yo kurya.***

Mu Karere kose muri Kamena 2025, habarurwaga ingo 900 zagaragaragamo abana bafite ibimenyetso by'imirire mibi n'igwingira kurusha abandi, zahawe inkoko 3 600, aho buri rugo rwahawe inkoko 4 ziyifasha kuva muri icyo kibazo burundu.

Mukashyaka Innocente, umubyeyi w'abana babiri, utuye mu Murenge wa Cyanika, Akagali ka Gitega, Umudugudu wa Gitega, avuga ko mu 2024 yari afite ikibazo cy'imirire mibi we n'abana be.

Ati: "Nari mfite umwana w'imyaka ine arwaye bwaki, nanjye nari ntwite mfite ikibazo cy'imirire mibi ku buryo byagize ingaruka ku mwana nabyaye ubu ufite umwaka n'amezi arindwi afite ibilo 7."

Akomeza avuga ko muri Kamena 2025 ari bwo yahawe inkoko nk'umwe mu miryango itishoboye yari ifite imirire mibi.

Ati: "Bampaye inkoko enye, ndazorora mu mezi atatu zitangira gutera. Umwana wanjye ntiyiyongeraga n'umusatsi wari waracuramye, ariko atangiye kurya amagi yahise atangira kugira ubuzima bwiza, atangira no kugenda. Ubu maze kugira inkoko 16 mu mezi 8."

Yongeyeho ko inkoko 10 muri 16 zitera amagi 10 buri munsi, bakarya amagi 4, akazigama 6, ari nayo agurisha buri cyumweru agakuraho amafaranga yo kwizigama mu itsinda no guhaha ikindi gikenewe mu rugo.

Nyirahweza Genereuse, utuye mu Murenge wa Gasaka, avuga ko we n'umuryango we bari bafite ikibazo cy'imirire mibi kubera amikoro make kuko baryaga ari uko yavuye guca inshuro.

Ati: "Narahingaga bakampemba amafaranga y'u Rwanda 1 500, nkabura icyo nyahahamo ngo abana barye bahage. Hari ubwo nahitagamo ko bampa ibijumba, ugasanga tubiriye inshuro zirenze eshatu twikurikiranya. Maze kubona inkoko twatangiye kwihaza mu biribwa kuko twabonaga ifunguro rifite intungamubiri."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Habimana Thadée, yabwiye Imvaho Nshya ko bari mu bukangurambaga bwo kurwanya imirire mibi n'igwingira mu bana bari munsi y'imyaka itanu.

Ati: "Ni intambwe ikomeye kandi dukomeje ubukangurambaga, kuko Ubushakashatsi bwa karindwi ku mibereho y'ingo (EICV 7) bwagaragaje ko igwingira mu bana riri ku gipimo cya 29,4% rivuye kuri 51,8% twariho muri 2015. Turifuza kugabanya iki gipimo kuko kiracyari hejuru nubwo hari intambwe yatewe."

Akomeza avuga ko basaba abamaze guhindura imyumvire kubwira abaturanyi babo akamaro k'amagi, avoka, ibinyomoro n'ibindi kuko abana bari mu mirire mibi ni bwo bayivamo.

Yagize ati: "Nimubivuge hose mu matsinda mubamo, ku nsengero n'ahandi, kuko ni bwo muzaba mudufashije mu mpinduka nziza."

Izo nkoko ingo zayihawe n'umushinga SAIP ukorera muri RAB-SPIU hagamijwe kurwanya imirire mibi, aho imiryango ibihumbi 72 yafashijwe kuzamura imibereho binyuze mu kuyiha inkoko, imigina y'ibihumyo no kubakorera uturima tw'igikoni.

Abatishoboye bari bafite abana bagwingiye n'abagaragaza ibimenyetso by'imirire mibi bahawe ubufasha ni abo mu Mirenge ya Cyanika, Tare, Gatare na Musebeya, bakaba barahawe ibilo 4000 by'ibishyimbo bikungahaye ku butare ku miryango 400, inkoko 3 600 ku ngo 900, ingo 1 337 zahawe imigina y'ibihumyo 26 740, bakaba barahawe n'ibiti by'imbuto birimo amatunda, ibinyomoro, avoka n'amacunga.

# Murekatete mu gisigo 'Icyanditswe' yakanguriye abantu kugira umwete ku murimo

MUTETERAZINA Shifah

***Umusizi Murekatete Claudine ukoresha izina rya Murekatete mu busizi, yifashishije igisigo gishya yise 'Icyanditswe' yakanguriye abantu kugira umwete ku murimo.***

Ni igisigo Murekatete agaruka cyane ku byiciro byose by'imirimo aho ashishikariza umuhinzi, umukarani, umwubatsi, umukozi wo mu rugo cyangwa undi wese mu byo akora kumva ko umurimo wabo ufite agaciro.

Yagize ati: "Icyanditswe ni ubutumwa bw'urukundo, icyizere n'ihumure, bukaba bushishikariza abantu kwikunda no guha agaciro ibyo bakora, n'iyo baba bakomoka mu buzima bugoye kuko buri wese burya afite agaciro n'impamvu ari ku Isi."

Uwo musizi avuga ko yahisemo gukorana icyo gisigo n'umukunnyi wa Filimi uzwi nka Hatungi muri Filimi Papa Sava nk'ikimenyetso cy'uko ubusizi butagarukira ku babukora gusa.

Ati: "Nakoranye na Hatungi uturuka mu gisata cy'abakinnyi b'ikinamico na filimi kugira ngo dutange ubutumwa bukubiye mu gisigo icyanditswe ariko tunerekane ko ubusizi atari ubw'abasizi bonyine n'abandi bahanzi babugiramo uruhare."



Murekatete yakanguriye abantu kurangwa n'umurava mu mirimo bakora

Uretse Hatungi, Murekatete yatangiye intambwe yo kwifashisha abandi banyempano mu rwego rwo guhuza amaboko mu kumvikanisha ubutumwa buri mu gihangano cye, aho kugeza ubu amaze gukorana n'abarimo Nyirarukundo ukina mu ndamutsa, Dogiteri Nsabi n'abandi.

Murekatete akoze 'Icyanditswe' nyuma y'iminsi mike yegukanye igihembo cy'uwahize abandi mu gukora amashusho agaragaza amakosa akorwa mu kuvuga Ikinyarwanda n'uko yakosorwa, umwanya wamuhesheje ibihembo birimo amafaranga angana na miliyoni imwe y'u Rwanda.

Icyo gihe yabwiye Imvaho Nshya ko afite imishinga myinshi irimo no gutegura Alubumu y'ibisigo bye ya mbere, ayo mafaranga akaba yiyongereye mu yo azifashisha ashyira mu bikorwa imishinga y'ubuhanzi bwe.

Igisigo 'Icyanditswe' agishyize ahagaragara nyuma y'amezi atandatu ashyize hanze icyo yise 'Arubatse' na cyo yitabajemo Dogiteri Nsabi.



Murekatete avuga ko kwifashisha Hatungi ukina Filimi ari ukugaragaza ko ubusizi butagarukira ku basizi gusa

# Danny Mutabazi yamuritse alubumu ya kabiri yise 'Waranzuye'

MUTETERAZINA Shifah

***Umuririmbyi akaba n'umwanditsi w'indirimbo zo kuramya no guhimbaza Imana, Danny Mutabazi, yamuritse Alubumu ye ya kabiri yise "Waranzuye", ashimira umugore we wamubaye hafi mu rugendo rwo kuyitunganya.***

Ni Alubumu amuritse nyuma y'imyaka 11 adakora umuziki mu buryo bweruye kuko yari yarahisemo kwandikira abandi baririmbyi barimo itsinda rya Vestine na Dorcas.

Iyo Alubumu yayisogongeje abantu be bahafi mu ijoro ry'itariki 06 Werurwe 2026, mu birori byabereye muri Dove Hotel avuga ko yayiteguye mu gihe gito ku buryo byamusabye gukora amajoro.



Umuririmbyi Danny Mutabazi

Yagize ati:" Waranzuye ni Alubumu nkozeho mu mezi abiri birumvikana habayeho gukora amanywa n'ijoro hari n'ubwo natahaga saa munani z'ijoro."

Akomeza ashimira umugore we wagendanye na we urwo rugendo anagaragaza umusanzu we kuri Alubumu.

Ati:" Buriya gukora umuziki bisaba kuba mu mutwe hameze neza, iyo natahaga mu gicuku akankingurira kandi amwenyura yabaga amfashije, Imana imuhe umugisha yagize uruhare rukomeye mu gukorwa kwayo."

Mutabazi avuga ko Alubumu "Waranzuye" igizwe n'indirimbo zirindwi (7) zose zikaba yatangiye kujya ku mbuga zicururuzwaho umuziki.

Alubumu "Waranzuye" ije ikurikira iyitwa "Calvary", mu gihe Mutabazi yatangiye umurimo w'ivugabutumwa mu 2013 akaba akomeje kugaragaza ko indirimbo ze zitinjira mu matwi gusa ahubwo zikora no ku mitima ya benshi aho abigaragarizwa n'ubuhamya bw'abakunzi b'ibihangano bye.

Mutabazi asezeranya abakunzi b'indirimbo anyuzwamo n'Imana ko yaje aje batazongera kumubura aho agiye gutangira gukora kuri Alubumu izaba ikubiyemo indirimbo yagiye akora mu bihe bya Covid-19 na nyuma yayo gato.





# APR FC yaguye miswi na Marines FC

SHEMA Ivan

***APR FC yavuye inyuma yishyura yanganyije na Marines FC ibitego 2-2 mu mukino w'Umunsi wa 23 wa Shampiyona y'u Rwanda, wabereye kuri Stade Umuganda, kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 7 Werurwe 2026.***

Marines FC yari yakiriye umukino ni yo yatangiye neza. Bidatinze ku munota wa gatanu yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Menayame Ndombe ku mupira yaherejwe na Mbonyumwami Taiba.

Mu minota 15, APR FC zirwanira mu mazi yakomeje gusatira cyane no gukinira mu kibuga cya APR FC ishaka igitego cya kabiri.

Mu minota 20, APR FC yinjiye mu mukino itangira gusatira ishaka igitego cyo kwishyura harimo koruneri enye zikurikiranya yabonye ariko inanirwa kuzibyaza umusaruro.



APR FC yanganyije na Marines FC ibitego 2-2

Ku munota wa 28, Marines FC yashoboraga gutsinda igitego cya kabiri ku mupira wahinduwe imbere y'izamu na Ishimwe Kevin habura umuntu ukoraho ngo awushyire mu izamu.

Ku munota wa 39, Marines FC yatsinze igitego cya kabiri cyinjijwe na Mbonyumwami Taiba bikomeza kugeza igice cya mbere kirangiye Marines FC itsinze APR FC ibitego 2-0.

APR FC yagarukanye imbaraga nyinshi mu gice cya kabiri, bidatinze ku munota wa 46, yishyuye igitego cya mbere cyatsinzwe na Djibril Ouattara ku mupira yahawe na William Togui.

Iyi kipe yakomeje gusatira cyane ishaka igitego cya kabiri, ari ko ikinira mu kibuga cya Marine FC.

Ku munota wa 57, Rutayisire Amani wa Marines FC yakoze umupira n'intoki mu rubuga rw'amahina wari utewe na Hakim Kiwanuka, umusifuzi yemeza ko ari penaliti, yinjijwe neza na Djibril Ouattara.

Ku munota wa 64, Usabimana Olivier wa Marine FC yibwiraga ko yatsinze igitego cya gatatu ariko hasifurwa ko yaraririye.

Iminota 10 ya nyuma, APR FC yakomeje gusatira cyane ndetse yahushije uburyo bwabazwe ku ishoti ryatewe na Djibril Ouattara ariko umupira wanga kujya mu izamu, ushyirwa muri koruneri n'umunyezamu. Irambona Vally. Umukino warangiye amakipe yombi anganyije ibitego 2-2.

Nyuma y'uwo mukino APR FC yagumye ku mwanya wa kabiri n'amanota 43 ikarushwa abiri na Al Hilal SC iri ku mwanya wa mbere, aho ifite imikino ibiri itarakina. Ni mu gihe Marine FC yagumye ku mwanya wa cyenda n'amanota 29.

Mu yindi mikino, Bugesera FC yatsinze Kiyovu Sports ibitego 2-1, Mukura VS itsinda Musanze FC igitego 1-0 naho Gasogi United FC inganya na Rutsiro FC 0-0.



Niyomugabo Claude yahanganiye umupira na Ishimwe Kevin mu kibuga hagati

# Volleyball: Bidasubirwaho, u Rwanda ruzakira Shampiyona Nyafurika y'amakipe y'abagabo

SHEMA Ivan

***Binyuze mu Ishyirahamwe ry'Umukino wa Volleyball (FRVB), u Rwanda rwasinyanye amasezerano n'Impuzamashyirahamwe y'Umukino wa Volleyball muri Afurika (CAVB) yo kwakira irushanwa rizahuza amakipe yabaye aya mbere kuri uyu Mugabane mu bagabo (CAVB Men's Club Championship) rizabera i Kigali kuva ku wa 20 Mata kugeza ku wa 3 Gicurasi 2026.***

Aya masezerano yasinywe kuri uyu wa 5 Werurwe 2026, aho FRVB yari ihagarariwe na Perezida wayo Ngarambe Raphaël mu gihe CAVB yari ihagarariwe na Perezida wayo, Bouchra Hajij. Icyo gikorwa cyabereye muri Kigali Convention Centre, cyitabiriwe na Minisitiri wa Siporo, Mukazayire Nelly.



Bidasubirwaho, u Rwanda rwahawe kwakira Shampiyona Nyafurika y'amakipe yabaye aya mbere iwayo muri Volleyball

Minisitiri wa Siporo Mukazayire, yavuze ko inshingano z'u Rwanda ari uko irushanwa rizahuza amakipe akomeye muri Afurika rizagenda neza. Ati "Dutegereje kwakira ibihangange, abakinnyi no kwerekana impamvu u Rwanda ruri ku isonga mu kwakira ibikorwa bya siporo. Dufatanyije, twizera ko iri rushanwa rizatanga umusaruro, rikagenda neza."

Perezida w'Impuzamashyirahamwe y'Umukino wa Volleyball muri Afurika, Bouchra Hajij, yashimye Guverinoma y'u Rwanda yashyize imbaraga mu kwakira iryo rushanwa, ashimangira ko yabaye umufatanyabikorwa mwiza muri Volleyball. Ati: "U Rwanda rwerekanye ubushobozi bwo kwakira amarushanwa mpuzamahanga. Mfite icyizere ko irushanwa rya 2026 rizagenda neza."

Perezida w'Ishyirahamwe ry'Umukino wa Volleyball mu Rwanda, FRVB, Ngarambe Raphaël, yavuze ko bishimiye kwakira Irushanwa ry'Amakipe yabaye aya mbere iwayo mu bagabo ku Mugabane wa Afurika.

Ati: "Ni ubwa mbere iri rushanwa rigiye kubera mu Rwanda [no muri Afurika yo Munsi y'Ubutayu bwa Sahara]. Turashimira ubuyobozi bwa CAVB ku cyizere bwagiriye u Rwanda cyo kwakira iri rushanwa."

Muri iri rushanwa, u Rwanda ruzaserukirwa n'amakipe ane arimo APR VC, Police VC, REG VC na Kepler VC. Ubwo iri rushanwa riheruka kuba mu 2025, ryabereye mu mujyi wa Misurata wo muri Libya, ryegukanwa n'ikipe ya Swehly Sports Club yo muri icyo gihugu mu gihe APR VC yo mu Rwanda yabaye iya kane.




Perezida Ngarambe Raphaël na mugenzi we wa CAVB Bouchra Hajij bashyira umukono ku masezerano

Imvaho Nshya
Siporo



Nº .E-53 TARIKI 3 - 9 WERURWE 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Rayon Sports yanganyije na Etincelles, uba umukino wa gatatu wikurikiranya idatsinda



**Mugisha Didier wa Rayon Sports ni umwe mu bagize umukino mwiza**

**SHEMA Ivan**

***Rayon Sports yanganyije na Etincelles igitego 1-1 mu mukino w'Umunsi wa 23 wa Shampiyona y'u Rwanda, wabereye kuri Stade Umuganda, ku Cyumweru tariki ya 8 Werurwe 2026.***

Amakipe yombi yagiye gukina uyu mukino akeneye intsinzi, aho Rayon Sports yashakaga amanota atatu kugira ngo ikomeze gushira igitutu, mu gihe Etincelles FC na yo yashakaga kongera amanota ayikura mu murongo utukura.

Rayon Sports ni yo yatangiye neza umukino isatira harimo umupira Uwumukiza Obed yahinduye imbere y'izamu, ariko Ramazani Tshimanga awushyize ku mutwe ujya hejuru y'izamu.

Mu minota 15, iyi kipe yakomeje gukina neza iherekanya hagati mu kibuga, ariko ikagorwa no kwinjira mu bwugarizi bwa Etincelles.

Mu minota 25, amakipe yombi yagabanyije umuvuduko umupira ukinirwa cyane mu kibuga hagati harimo no kurenza umupira inshuro nyinshi.

Ku munota wa 32, Ndikumana Asman wa Rayon Sports yahushije uburyo bwabazwe ku mupira yananiwe gushyiraho ikirenge ngo awerekeze mu izamu, birangira umunyezamu wa Etincelles FC Justin Ndikumana, awufashe.

Mu minota 40, Rayon Sports yakomeje kwiharira umupira, ishaka gufungura amazamu, ariko abakinnyi bayo basatira ntibabyanze umusaruro amahirwe babonaga.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa.

Mu igice cya kabiri, Rayon Sports yakomeje gusatira cyane harimo umupira Tambwe Gloire yananiwe gushyira mu izamu birangira ugiye hanze.

Ku munota wa 62, umutoza wa Etincelles yakoze impinduka Mucyo Emmanuel asimburwa na Yacouba Nimaga.

Nyuma y'iminota itatu gusa izi mpinduka zahise zitanga umusaruro kuko Yacouba Nimaga yahise afungura amazamu ku burangare bw'abakinnyi ba Rayon Sports bari mu bwugarizi.

Ku munota wa 70, Rayon Sports yakoze impinduka, Ndikumana Asman, Aziz Dao na Yannick Bangala basimburwa na Fall Ngagne, Faustin Likau na Habimana Yves.

Izi mpinduka zongereye imbaraga iyi kipe yo gushaka igitego cyo kwishyura.

Bidatinze ku munota wa 80, yabonye igitego cyo kwishyura cyatsinzwe na Fall Ngagne n'umutwe ku mupira wari uvuye kuri Coup-franc yatewe na Mugisha Didier.

Iminota 10 ya nyuma, amakipe yombi yasatiranye bashaka igitego cy'intsinzi, ariko biranga.

Umukino warangiye amakipe yombi anganyije igitego 1-1, Rayon Sports yuzuza umukino wa gatatu wikurikiranya idatsinda muri Shampiyona.

Kunganya uyu mukino byatumye Rayon Sports ifata umwanya wa kane n'amanota 38 mu gihe iyi kipe yo mu Karere ka Rubavu yagumye ku mwanya 16 n'amanota 20.

Indi mikino yabaye, Amagaju FC yatsinze Gorilla FC ibitego 2-1 naho AS Kigali inganya na AS Muhanga ibitego 2-2.



**Fall Ngagne ni we wishyuriye Rayon Sports**



**Abakinnyi ba Etincelles bishimira igitego**